



# Amabwiriza ku bigisha

Igihe cya Bibiliya Ibyiciro 1 na 2

Ibyigwa A  
Amasomo 7-12



# **Bible Educational Services**

Registered Charity UK (No 1096157)

## **Icyo tugamije**

Gusohora Inyigisho za Bibiliya Kubazifuza no guhuza ukuri kwa Yesu Kristo kubigihe kizaza kwisi hose.

## **Iyerekwa**

Kugeza kubigihe kizaza inyigisho zacu zose ziri mundimi zabo bwite mukuzamura no gufasha abafatanyabikorwa bose babyiyemeje.

## **KUMENYESHWA MURI RUSANGE**

### **Icyo 'Bible Educational Services' ikora:**

Bible Educational Services (BES) yandika amasomo ya Bibiliya mu Cyongeleza yitwa Bibletime ('Igihe cya Bibiliya), "New Life" na "Gleaners" kandi igashyigikira amashuri ya Bibiliya mu buryo bw'itumanaho n'indi miryango ikoresha amasomo ya BES mu Bwongeleza no mu bindi bihugu, ikabikora mu kubasura, ku mbuga nkoranyambaga, inama n'amahugurwa. BES kandi ubu ikora mu bufatanye n'amatsinda ari mu bindi bihugu, ahindura kandi agatunganya kandi agatanga amasomo. Amasomo agomba gutangirwa ubuntu ku banyeshuli bose.

Amasomo Igihe cya Bibiliya yakoreshejwe bwa mbere muri Irlande y'Amajyepfo hashize imyaka irenga 50. Bible Educational Services ni yo itanga uburenganzira bwo gukoresha amasomo Igihe cya Bibiliya mu Cyongeleza no mu ndimi zindi zose. Amasomo Igihe cya Bibiliya ubusanzwe yanditswe ku mpapuro A4 bifasha abanyeshuli ahantu aha n'aha, kuba buri byumweru bine bahereza izo mpapuro ah'ishuri rya Bibiliya rikorera ngo bakosorwe. Turashimira 'Every Home Crusade (Revival Movement) i Belfast, ko vuba aha yasohoye amasomo ku mezi atandatu mu mpapuro A5, akoresha mu matorero no mu mashuri ku buryo bworoheje, by'umwihariko aho imikorere y'i posita itameze neza.

Amasomo ya BES arihariye kuko yateguriwe kwigwa mu rugo cyangwa mu itsinda (Itorero / Ishuri), agakurikira urutonde rwateguwe rutuma abanyeshuli bazakomeza kwiga kugera ku myaka 20. Hari ibyiciro bitanu by'amasomo bikurikiza imyaka y'abagize itsinda ari byo: incuke; imyaka 5-7; imyaka 8-10; imyaka 11-13; imyaka 14-16. Kuri buri tsinda ry'imyaka hari urutonde ku myaka itatu (reba p 4). Imyaka yo kujya mu itsinda iri n'iri ishobora guhinduka hakurikijwe ubushobozi bw'umuntu. Ibikoresho bigenewe Igihe cya Bibiliya biha abana umwanya wo kwiga Ijambo ry'Imana, kwiga Inkuru za Bibiliya no guhangana n'ibigoye bijyana n'Ubutumwa Bwiza mu mibereho yabo.

Amasomo yanditse wayabona mu Cyongeleza urebye ku rubuga BES: [www.besweb.com](http://www.besweb.com) cyangwa ukabaza mu bunyamabanga bukuru. Amasomo aboneka kandi ku mbuga nkoranyambaga mu zindi ndimi. BES ifite ibitabo bishobora kugufasha niba ushaka kuba umufatanyabikorwa wacu. Ibyo bitabo nabyo wabisanga ku rubuga nkoranyambaga.

## **Aho wabariza BES**

### **UK (Northern Ireland) Office (stockist of all English lessons)**

37a Belmore Street, Enniskillen, Northern Ireland BT74 6AA

Simu: +44 286 632 2462

### **UK Secretary**

Mr Stephen Gillham

Email: [stephen.gillham@besweb.com](mailto:stephen.gillham@besweb.com)

**Web address:** [www.besweb.com](http://www.besweb.com)

**Email address:** [info@besweb.com](mailto:info@besweb.com)

### **Aho wabariza BES mu Rwanda**

Pastor: Mbanzabugabo M. Aminadab

Email: [aminambanza@yahoo.fr](mailto:aminambanza@yahoo.fr)

Phone: +250786625297

## AMABWIRIZA KU BIGISHA

Mu ntangiriro, amasomo 'Igihe cya Bibiliya' yakorewe gukoreshwa mu buryo bw'i Posita y'ishuli rya Bibiliya, ariko amasomo yakomeje kwiyongera no gukoreshwa aho ubwo buryo butari, by'umwihariko mu matorero no mu mashuri yo muri Afurika, mu Buhinde n'ahandi. Amabwiriza ku bigisha yateguriwe abakoresha inyigisho 'Igihe cya Bibiliya' bo mu miterere nk'iyi. Amabwiriza ku bigisha ari muri aka gatabo agenewe gukoreshwa ku byiciro 1 na 2 by'amasomo ku bana bafite imyaka 5 – 10

Buri bwiriza ryo kwigisha rikurikiza imirongo ya Bibiliya itangwa no mu isomo 'Igihe cya Bibiliya'. Amasomo 'Igihe cya bibiliya n'amabwiriza byagenewe gukoreshwa ku rufatiro rwa buri cyumweru. Amasomo yo mu kwezi kwa kane ajyana ku bya Pasika naho amasomo yo mu kwezi kwa cumi na kabiri akajyana ku bya Noheli.

Bamwe mu bakoresha amasomo yanditse ku mpapuro A4 buri cyumweru, abandi bagakoresha udutabo A5 turimo amasomo 24. Ubusanzwe uwigisha cyangwa umuyobozi azatanga amasomo A4 ya buri kwezi, kandi buri cyumweru isomo rizigwa mu itorero cyangwa mu ishuli, cyangwa rikorerwe mu rugo nyuma rigarurwe mu cyumweru gikurikiraho. Ku mpera z'ukwezi uwigisha cyangwa umuyobozi azakusanya amasomo maze ayakosore, yohereze vuba amasomo ku banyeshuli.

Ibyiza byaba ugukoresha udutabo, maze nyuma ya buri cyiciro, udutabo tugakusanwa maze tugakosorwa. Ariko tubona kenshi bidashoboka. Biryoro mu ishuli udutabo dushobora kusaranganywa abanyeshuli, maze uwigisha cyangwa umuyobozi bagakosora amasomo mu gihe abanyeshuli bagenda batanga amanota ku mpapuro za bagenzi babo. Mu gatabo hari umwanya wagenewe amanota kuri buri somo ry'ukwezi, n'uwumwanya wo kuvuga uko umunyeshuli atera imbere. Hari kandi impamyabumenyi itangwa ku munyeshuli yerekana amanota umunyeshuli yagize kw'ijana mu gihe cy'amezi atandatu cy'amasomo.

## UGUTEGURA KW'ABIGISHA

Ntabwo dushaka gutanga amahame adaha umwanya abigisha ngo bakore ibintu mu buryo bwabo no mu buryo batekereza gukora. Ibikurikira n'ibyo tubabwira bishobora kubafasha mu gukoresha ibikoresho by'Igihe cya cya Bibiliya'.

- **Kuba uzi neza inkuru:** Abigisha bagomba kuba uko bishoboka bazi inkuru ya Bibiliya n'isomo Igihe cya Bibiliya rijyana n'iyi nkuru. Ibyiza n'uko uwigisha aba yarize iryo somo mbere. Amabwiriza kuri buri somo nayo akaba yaritondewe mu myiteguro ifasha ayo masomo.
- **Gusobanukirwa amasomo agomba kwigwa:** ku mutwe w'integuro ya buri somo uzabona amagambo. 'Tugiye kwiga ko' akurikiwe n'ibitekerezwa kwigwa bibiri ibyo abana bazaba basobanukiwe nyuma yo kumva ibyo uwigisha yababwiye mu kwiga isomo 'Igihe cya Bibiliya'. icya mbere kigamijwe mu kwiga ni ugukoresha ubumenyi bw'iyi nkuru, icya kabiri ni ugushishikariza abana gutekereza ku bumenyi bakabukoresha bashaka ibisubizo. Ibyo bitekerezwa ku kwiga ni ibivugwa neza by'ingenzi ku kuri kwigishwa mu isomo kandi abigisha bashobora kuba babikoresha mu isuzuma ryabo ku nyigisho n'ubumenyi bwatanzwe.
- **Gutangira:** ku masomo yose, dutangirira aho abana bafite inararibonye zabyo. Twatanze inzira zinyuranye zishobora gukoreshwa mu gutangiza inkuru mu buryo butuma abana bagira uruhare mu kugira icyo bavugaga ku ngingo itangira inkuru.
- **Kwigisha:** twatanze ingingo z'ingenzi mu nkuru. Twiringira ko abigisha batazazisubiraho mu gihe batanga inkuru, ahubwo bazimenyereza inkuru kugira ngo bashobore kuyigisha mu buryo bwiza kandi bufasha. Uwigisha azashaka ko abana bumva amasomo y'ingenzi ari mu nkuru kandi abafashe gusobanukirwa icyo byabamarira kumenya icyo nkuru. Mu nshingano zacu twagerageje kubaririza ibisobanuro bimwe biri mu nkuru itanzwe. Buri gihe ibyo byanditse mu mukono UBERAMYE.
- **Kwiga:** Hari umurongo w'ingenzi ujyana na buri nkuru. Rimwe na rimwe haboneka imirongo ibiri, kuko twongeraho undi umurongo w'ingenzi uzorohereza abana kumenya. Twiringira ko abana bashobora kwiga imirongo y'ingenzi kandi bakayibutswa buri gihe uko bishoboka kugira ngo batangire bubakire ubumenyi kuri icyo mirongo ya Bibiliya y'ingenzi.
- **Kubyuzuzwa:** Mu miterere y'ishuli uzamenya ubushobozi bw'abana bwo kuzuzwa imikoro n'ibyo uwigisha agomba kugira mu kubafasha. Kuri bamwe, bizaba ngombwa ko uwigisha asoma igice cy'isomo mu gihe abana bamukurikira bityo bakamenyera ibivugwa. Abandi bana bashobora ubwabo kwisomera isomo. Ibyo ari byo byose, hari igitekerezo cyo gukangurira abana kwita ku mabwiriza runaka ajyana ku bibazo. Niba ukoresha

Igihe cya Bibiliya bitari mu buryo bw'ishuli, ni ngombwa kuba witeguye gufasha kugira ngo bitabonwa ko nta kamaro, cyangwa ko ari ukwisuzuma gusa. Bizanzeza umuntu kandi bimutere umwete ndetse byishimirwe mu gukora ikintu uwo muntu azi ko ari ingira kamaro.

- **Gusubiramo:** Uko bishoboka twatanze amahurizo, n'ibifasha kwiga, nk'uburyo bwo gusubiramo inkuru.
- **Kwerekana:** Turemera ko mu mi miterere imwe n'imwe kwerekana bizagorana ariko aho bishoboka ni ngombwa kwerekana amashusho, kujyana ku bintu bifatika kugira ngo bifashe gusobanukirwa inkuru. Ibyerekanwa bifasha mu buryo bukomeye mu gutanga inkuru. Aho bikwiriye muri buri somo twatanze amakuru ku by'amashusho wakura ku rubuga [www.freebibleimages.org](http://www.freebibleimages.org) (FBI). Imbunga nkoranya mbaga zitandukanye wazisagaho amashusho y'igihe cya bibiliya ibyiciro byose ku buntu cyangwa wana zohererezwa binyuze kuri email kubiro bikuru bya BES. Aho ushobora kubona icyuma gifotora, amwe mu mashusho ari muri Bibiliya wayafotora ukayakoresha mu kwigisha uyagize manini, uyasize amabara.

## Kwigisha Umurongo w'Ingenzi

- 1) Umurongo uzandikwa ku rupapuro cyangwa ku kibaho, hagende hakurwamo amagambo amwe amwe, abanyeshuri nabo bagende basubiramo kuwusoma kugeza ubwo amagambo yose akurwamo, bagasoma batawureba.
- 2) Gutanga Umurongo w'Ingenzi ukoresha:
  - a) Uburyo bwa Hangman mu matsinda abiri – inyuguti izi n'izi – umwanya umurongo w'ingenzi utangwa izo nyuguti zikuwemo – abana bahitamo inyuguti bashaka kugeza ubwo hari umwe amenya wa murongo.
  - b) Urusobe rw'imurongo muri Bibiliya ruraboneka, maze imbaga y'abana bagashaka uwo murongo, uwubonye agasoma cyane.

## Igena gihe

- **Gahunda.** Twakomeje gahunda imwe mu mabwiriza ku kwigisha buri somo ariko bizaba iby'ubushake bw'abigisha kuba bahindura iyo gahunda igihe iki n'iki.
  1. Gutanga no kuvuga inkuru – byafata iminota 15
  2. Kwigisha umurongo w'Urufunguzo – Iminota 5 -10
  3. Kuzaza urupapuro rw'umukoro – iminota 20
  4. Ibibazo n'ibindi - iminota 5 -10

Ibuka iyi mvugo ikomeye ngo:

“Mbwira ariko nshobora kwibagirwa,  
Nyereka kandi nzabyibuka,  
bimpemo uruhare nibwo nzabyumva”

## Urutonde rw'ibygwa by'Igihe cya Bibiliya

	ICYICIRO 0 (Incuke) ICYICIRO 1 (Imyaka 5-7) ICYICIRO 2 (Imyaka 8-10)	ICYICIRO 3 (Imyaka 11-13)	ICYICIRO 4 (Imyaka 14+)
IBYIGWA BIBANZA	Isomo ribanza - Gut	Isomo ribanza - Gut	Isomo ribanza - Gut
IBYIGWA A	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Iremwa</li> <li>2. Nowa</li> <li>3. Petero</li> <li>4. Petero - Umusaraba</li> <li>5. Aburahamu</li> <li>6. Aburahamu</li> <li>7. Petero</li> <li>8. Petero</li> <li>9. Yakobo</li> <li>10. Abakristo ba mbere</li> <li>11. Pawulo</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Iremwa</li> <li>2. Nowa</li> <li>3. Petero</li> <li>4. Petero - Umusaraba</li> <li>5. Petero</li> <li>6. Aburahamu</li> <li>7. Yakobo</li> <li>8. Gusenga</li> <li>9. Pawulo</li> <li>10. Pawulo</li> <li>11. Pawulo</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Iremwa no kugwa</li> <li>2. Iterambere - Itangiriro</li> <li>3. Petero</li> <li>4. Petero - Umusaraba</li> <li>5. Petero</li> <li>6. Aburahamu</li> <li>7. Yakobo</li> <li>8. Imibereho Gikristo</li> <li>9. Pawulo</li> <li>10. Pawulo</li> <li>11. Pawulo</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>
IBYIGWA B	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Ubuto bwa Kristo</li> <li>2. Ibitangaza</li> <li>3. Betaniya</li> <li>4. Umusaraba</li> <li>5. Imigani</li> <li>6. Yosefu</li> <li>7. Yosefu</li> <li>8. Abahuye na Yesu</li> <li>9. Mose</li> <li>10. Mose</li> <li>11. Mose</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Imigani</li> <li>2. Ibitangaza</li> <li>3. Betaniya</li> <li>4. Umusaraba</li> <li>5. Abakristo ba mbere</li> <li>6. Yosefu</li> <li>7. Yosefu</li> <li>8. Abanditse Ubutumwa</li> <li>9. Mose</li> <li>10. Mose</li> <li>11. Mose</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Imigani</li> <li>2. Ibitangaza</li> <li>3. Betaniya</li> <li>4. Umusaraba</li> <li>5. Abakristo ba mbere</li> <li>6. Yakobo n'umuryango we</li> <li>7. Yosefu</li> <li>8. Ibyakozwe 2:42 - Inzira</li> <li>9. Mose</li> <li>10. Mose</li> <li>11. Amategeko</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>
IBYIGWA C	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Daniyeli</li> <li>2. Ibindi bitangaza</li> <li>3. Abahuye na Kristo</li> <li>4. Urupfu rwa Kristo</li> <li>5. Rusi na Samweli</li> <li>6. Dawidi</li> <li>7. Dawidi</li> <li>8. Yosuwu</li> <li>9. Eliya</li> <li>10. Elisa</li> <li>11. Yona</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Daniyeli</li> <li>2. Abahuye na Kristo</li> <li>3. Ibindi bitangaza</li> <li>4. Urupfu rwa Kristo</li> <li>5. Rusi</li> <li>6. Samweli</li> <li>7. Dawidi</li> <li>8. Yosuwu</li> <li>9. Eliya</li> <li>10. Elisa</li> <li>11. Bakoreshejwe n'Imana- I K</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>	<ol style="list-style-type: none"> <li>1. Daniyeli</li> <li>2. Ibyo Yesu yavuze</li> <li>3. Ububasha bw'Umwami</li> <li>4. Urupfu rwa Kristo</li> <li>5. Rusi</li> <li>6. Samweli</li> <li>7. Dawidi</li> <li>8. Yosuwu</li> <li>9. Eliya</li> <li>10. Elisa</li> <li>11. Indi miterere y'I K</li> <li>12. Inkuru ya Noheli</li> </ol>

## A7 Inkuru 1

Petero yigisha – Iyi nkuru ivuga Petero afashwa n’Umwuka Wera kwigisha ibya Yesu.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Byari ngombwa ko abigishwa bahabwa Umwuka Wera.</li><li>• Umwuka Wera aba muri buri wese wiringira Umwami Yesu kuba Umukiza we.</li></ul> <p><b>Uw’ingenzi:</b> <i>Ibyakozwe 2:36</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Ibyakozwe 2:1–14, 36-39</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Koresha ibibazo uvuga Umwuka Wera. Ushobora kubona umuyaga? Oya. Ni gute umenya ko uhari? Ubona ibyo ukora. Reba hanze, urabona ko rwose hari umuyaga.</li><li>• Ibutsa abana ibyo mu nkuru ya Pasika – Yesu yari yapfuye arazuka. Mbere y’uko agenda asubiye mu ijuru asezeranya kuzoherereza abigishwa be umufasha utaboneka n’amaso</li><li>• Uwo mufasha ni uwitwa Umwuka Wera wari kuza kuba muri umwe muri bo. Nk’uko biri ku muyaga, ntibashoboraga kumubona n’amaso ariko bari kumenya itandukaniro azazana mu buzima bwabo.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Umunsi umwe nyuma ko Yesu asubira mu ijuru, abigishwa bari bateraniye mu nzu i Yerusalemu. <b>(Ibyakozwe 2:1-4)</b> Ako kanya humvikana uguhinda gukomeye nk’umuyaga mwinshi. Maze igisa n’umuriro kijya ku mutwe wa buri wese. Umwuka Wera yari aje! <i>Utekereza ko Intumwa zamerewe gute, ubwo impano idasanzwe yari ibagezeho? (kwishima, gutangara, kunezerwa ko isezerano ribaye impamo)</i></li><li>• Maze bumva bari kuvuga indimi zitandukanye! <i>Sobanura ko ubusanzwe dushobora kuvuga ururimi twigishijwe n’ababyeyi bacu tukiri bato. Abigishwa ba Yesu ntibigishijwe izo ndimi. Ibyo bimenyetso byose byerekanaga ko Umwuka Wera yaje. Wari gutekereza iki iyo uza kunyura muri icyo cyumba?</i></li><li>• Abari hafi aho bumvise urusaku birabayobera ariko birabatangaza! <b>(Ibyakozwe 2:5–13)</b></li><li>• Petero yaboneyeho umwanya wo gusobanura ibyabaye no kubabwira iby’Umwami Yesu. <b>(Ibyakozwe 2:36–39)</b> <i>Vuga uko bigomba kuba byari bigoye (kuvuga/asobanura) abwira imbaga nyamwinshi y’abantu. (Gutinyuka, kumenya icyo kuvuga, kugena uko abamwumva batekereza n’icyo gukora... Ariko Petero yashoboye kubikora kuko yafashijwe n’Umwuka Wera.</i></li><li>• <i>Abumvaga Petero bari bakeneye gukizwa nk’uko tubikeneye.</i></li><li>• <i>Sobanura ko Umwuka Wera yahawe buri wese wizera Umwami Yesu nk’Umukiza. Umwuka Wera adufasha kubwira abandi ibya Yesu.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> FBI- Umunsi wa Pantekote.</p>
<b>KWIGA</b>	<p>Igisha usobanura ibiri ngombwa muw’ingenzi - <b>Ibyakozwe 2:36</b>. Icyo ni igice cy’ibyo Petero yavuze yigisha. Yababwiye ko ari ubwoko bwishe Yesu ariko Imana ikaba yaramuzuye ari muzima. Ibyo bikaba byemeza ko Yesu atari umuntu gusa ahubwo ari Umwami na Kristo.</p>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Abigishwa bari he Umwuka aza?</li><li>• Umwuka yumvikanaga gute?</li><li>• Abigishwa babonye iki?</li><li>• Ni iki bahise bashobora gukora bujijwe Umwuka Wera?</li><li>• Ni bande bumvise ibyarimo kuba?</li><li>• Ni iyihe Ntumwa yahagurutse igasobanura ibyabaye?</li><li>• Ni nde Petero yavuze ibye?</li><li>• Ni iki Petero yababwiye gukora ku bw’icyaha cyabo?</li><li>• Ni iyihe mpano bazahabwa niba bakoze ibyo?</li><li>• Ni bande Umwuka abamo ubu ngubu?</li></ul>

## A7 Inkuru 2

Petero akiza umuntu w'ikirema – Iyi nkuru ivuga ku bubasha bw'Imana bukiza.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Ububasha bwa Yesu bwakoreye muri Petero na Yohana bakiza ikirema.</li><li>• Petero na Yohana bafashije ikirema kandi natwe dushobora gufasha abandi.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi: Icyiciro 1 - Ibyakozwe 3:6, Icyiciro 2 - Ibyakozwe 3:16</b> <b>Igice cya Bibiliya: Ibyakozwe 3:1-12</b></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Impuhwe zivuga umuntu w'ikirema utashoboraga kugenda ahubwo wasabirizaga amafaranga ngo agure ibyo kurya byamubeshaho.</li><li>• Waba ufite imbago werekana, ariko sobanura ko uwo muntu yaterurwaga n'incuti ze.</li><li>• Shushanya werekana mu maso hababaye h'uwu muntu.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Umunsi umwe Petero na Yohana bagiye mu Rusengeri ikirema kibasaba amafaranga. <b>(Ibyakozwe 3:1–5)</b> Ereka ko bahagaze bakamwumva.</li><li>• Koresha amagambo ya Petero. "Ifeza n'izahabu ntabwo mfite. Ariko icyo mfite ndakiguha. Mu izina rya Yesu haguruka ugende!" <b>(Ibyakozwe 3:6–7)</b> Sobanura ko ifeza zari ku mufasha gacye cyane – ntabwo zashoboraga gukiza amaguru ye. Petero yashoboraga guha uwo muntu ikintu gihindura ubuzima bwe rwose.</li><li>• Petero amufata ukuboko amufasha gushinga ibirenge. Ako kanya amaguru n'ibirenge birakomera. Biba ubwa mbere mu buzima bwe ashobora kugenda asimbuka! Yinjirana na Petero na Yohana agenda ahimbaza Imana. <b>(Ibyakozwe 3:8)</b> Ereka ishusho y'umuntu mu maso he hishimye binyuranije n'iyi werekanye mbere. Wari gutekereza iki iyo uza kuba warabonye uwo muntu w'ikirema wahoraga asabiriza buri munsi?</li><li>• Buri wese yatangajwe n'ibyabaye. <b>(Ibyakozwe 3:9–12)</b></li><li>• Reba ukuntu dushobora gukurikiza urugero rwa Petero. Vuga ku byo gufasha abandi mu buryo bufatika kandi ushyiremo ko ikintu cy'ingenzi twabwira abandi ari ubutumwa bwiza bw'Umwami Yesu.</li><li>• Nka wa muntu w'ikirema dufite ikibazo mu buzima bwacu natwe. Ububasha bwa Yesu bushobora kudukuraho icyaha nk'uko uwo muntu yabohowe ku bumuga bwo kutagenda.</li><li>• Tekereza kuri bimwe dushobora guhimbariza Imana.</li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Ereka:</b> FBI- Umuntu w'ikirema yakijijwe.</p>
<b>KWIGA</b>	<p>Igisha usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi - <b>Icyiciro 1 - Ibyakozwe 3:6, Icyiciro 2 - Ibyakozwe 3:16.</b> Nibibangombwa abana basubiremo umurongo w'ingenzi bagendagenda, basimbuka cyangwa Bazenguruka ahobari.</p>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Hari gihe ki?</li><li>• Ni he Petero na Yohana bajyaga?</li><li>• Hari hashize igihe kingana iki uwo muntu w'ikirema atabasha kugenda?</li><li>• Ni he yabaga yicaye buri munsi?</li><li>• Ni iki yasabye Petero na Yohana kumuha?</li><li>• Ni irihe zina Petero yakoresheje akiza uwo muntu?</li><li>• Ni iki kandi Petero yakoze hamwe no kumubwira?</li><li>• Vuga ibintu bitatu uwo muntu yashoboye gukora?</li><li>• Ni hehe yagiye amaze gukizwa?</li><li>• Ni iki imbaraga za Yesu zishobora gukora mu buzima bwacu?</li></ul>



### A7 Inkuru 3

#### Petero arafungwa – Iyi nkuru ivuga ukuntu Imana ifasha abayikorera.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Abakristo ba mbere babangamiwe n'abakuru b'idini babambye Umwami Yesu.</li><li>• Abakunda Yesu by'ukuri bose bazamwumvira, n'ubwo haba mu bibazo.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi:</b> <i>Abaheburayo 13:6</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Ibyakozwe 4:1-22</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Kuba iyi nkuru ijyanye n'iyi tumaze kubona, bizaba byiza gusubira ku byabaye bimwe.</li><li>• Koresha ibishushanyo by'umuntu mu maso hababaye, n'iby'ahishimye.</li><li>• Ni gute uwo muntu yashoboye kugenda? Reba neza niba abana bumva ko ari ku bw'ububasha bwa Yesu.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Nyuma y'ibyo, Petero na Yohana bigishije ku kuzuka k'Umwami Yesu maze abantu benshi barizera. <b>(Ibyakozwe 4:1–2, 4)</b> Ariko abakoraga mu Rusengeri barakazwa n'uko Petero abwira abantu ko Yesu yazutse. Ako kanya bafata Petero na Yohana barabafunga. <b>(Ibyakozwe 4:3)</b> <i>Sobanura uko byari bimeze kuri bo.</i></li><li>• Bucyeye barabasohora babarizwa mu rukiko. <b>(Ibyakozwe 4:5–7)</b> <i>Sobanura ko urukiko ari inteko y'abantu bemeza ushinjwa ko icyo yakoze ari icyaha.</i></li><li>• Nanone Petero afashwa n'Umwuka Wera gusobanura uburyo wa muntu yakijijwe. <b>(Ibyakozwe 4:8–12)</b> Urukiko birugora kubona icyo rwakora kuri Petero na Yohana! Babonaga hakozwe igitangaza gikomeye, maze bamaze kujya impaka kuri byo, bafata icyemezo cyo kubuza Petero na Yohana kutongera kuvuga izina rya Yesu. <b>(Ibyakozwe 4:13–19)</b> <i>Ni gute Petero na Yohana bakiriye ibyo? Ese bari kwemera kubikora?</i></li><li>• Petero na Yohana bari bazi ko bidashoboka kutavugira iby'Umwami Yesu! <b>(Ibyakozwe 4:20)</b> <i>Bakundaga Umwami Yesu cyane kuburyo biyemeje kumwumvira. Bari bazi ko Umwami wabo azaba hamwe nabo uko byagenda kose. Umwuka Wera azabafasha.</i></li><li>• <i>Yesu ashaka ko tumukunda tukamwumvira, mu ngorane izo ari zo zose.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> FBI – Petero na Yohana bafashwe.</p>
<b>KWIGA</b>	<p>Igisha usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi - <b>Abaheburayo 13:6</b>. Kina "Hangman" ukoresha amagambo atanu ya mbere n'ibireberwaho mbere yo kongeraho ibice bibiri bikurikiraho. Abana bashobora gushyirwa mu matsinda atatu bavugira igice buri tsinda risubiramo ibireberwaho. <i>Utekereza ko ayo magambo yaba yarafashije Petero na Yohana? Sobanura ko kuyamenya natwe byadufasha!</i></p>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<p>Ihurizo nibyo/sibyo hakoreshejwe ibivuzwe byanditswe ku ikarita bishyizwe mu gafuka. Buri kivuzwe gihabwa umubare w'amanota. (5 kugera ku 100). Kora amatsinda abiri.</p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Abapolisi barakariye Petero na Yohana.</li><li>• Baraye mu buroko.</li><li>• Barekuwe babarijwe mu rukiko.</li><li>• Petero yabwiye urukiko ko ububasha bwa Yesu bwakijije uwo muntu.</li><li>• Umwuka Wera yafashije Petero na Yohana mu byo yabwiraga urukiko.</li><li>• Petero na Yohana bacitse urukiko.</li><li>• Urukiko rwasabye Petero na Yohana kutongera kuvugira izina rya Yesu.</li><li>• Petero na Yohana bavuze ko bazumvira urukiko.</li></ul>

## A7 Inkuru 4

### Petero arabohorwa – iyi nkuru ivuga ku Mana isubiza amasengesho.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Imana iha ububasha bwayo Abakristo ikabafasha gukora umurimo wayo.</li><li>• Gusenga ni ingenzi mu byo duhura nabyo byose.</li></ul> <p><b>Uw’ingenzi:</b> <b>Waba Ibyakozwe 4:31 cyangwa Matayo 6:33</b> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <b>Ibyakozwe 4:23-31</b></p>
<b>GUTANGIRA</b>	Vuga ku nkuru abana bakunda kuganira n’incuti zabo cyangwa mu muryango – bishoboka kuba ari inkuru z’ibyabaye byiza bakoze mu gutsinda amarushanwa. Cyangwa byaba ibyo babajwemo bakabibwira abandi bakabibafashamo.
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Petero na Yohana bari bafite inkuru yo kubwira incuti zabo. <b>(Ibyakozwe 4:23)</b> Sobanura uko byabaye inkuru nziza ko bafunguwe ariko bikaba bibi babujijwe kongera kuvuga izina rya Yesu!</li><li>• Incuti za Petero na Yohana zafashe icyemezo cy’ubwenge cyo gusenga. <b>(Ibyakozwe 4:24-30)</b> Bari bazi ko Imana ibirimo. Irakomeye cyane kuruta abo bantu bagerageje kubahagarika. Ubwo basengaga, bibuka ibitangaje Imana yari yakoze mbere byerekana ububasha bwayo. Basaba Imana kubaha gushira amanga no gukora ibitangaza mu bubasha bwa Yesu. <b>(Ibyakozwe 4:29,30)</b></li><li>• Bagisenga, Imana isubiza amasengesho yabo! <b>(Ibyakozwe 4:31)</b> Sobanura ko inyubako yatigise kuko Imana yongeye kwerekana ububasha bwayo bw’Umwuka Wera uba muri bo akabafasha kuvuga iby’Umwami Yesu.</li><li>• Sobanura ko dushobora gusenga Imana mu gihe ibintu bitugoye gukora.</li><li>• Imana yumva amasengesho kandi izadufasha Yesu imbere, nk’uko biri ku bantu bo muri iyi nkuru.</li><li>• Ku bana b’icyiciro 2, wabajyana ku buzima bw’Abakristo baba mu bihugu abantu bababuzza kuvuga inkuru nziza ya Yesu. Dushobora gusenga kugira ngo bahabwe ubutwari bwo gushyira Umwami Yesu imbere.</li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> FBI - Petero na Yohana bafashwe.</p>
<b>KWIGA</b>	Igisha usobanura ibiri ngombwa muw’ingenzi – <b>Waba Ibyakozwe 4:31 cyangwa Matayo 6:33. Muri Matayo 6:33</b> , ijambo “mushake” bisobanura mushyire. Ubwami bw’Imana bisobanura ikintu cy’ingenzi cyose ku Mana ubwo nyine harimo Umwami Yesu.
<b>GUSUBIRAMO</b>	Shingira ihurizo ryawe ku nkuru zose enye zo muri A7

## A8 Inkuru 1

### Petero afasha Doruka – Iyi nkuru ivuga ibyho kuzuka kwa Doruka akaba muzima.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Ububasha bw'Umwami Yesu bwakoreye muri Petero agakiza Doruka.</li><li>• Dukeneye kwitabira Umwami Yesu dumwizera.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi: Ibyakozwe 9:42</b> <b>Igice cya Bibiliya: Ibyakozwe 9:32-43</b></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Vuga ku buryo dushobora gufasha abantu bakennye tubaha ku byo dufite. Uko bishoboka koresha imfashanyo zifatika mu kwerekana uburyo byakorwa.</li><li>• Ereka Doruka nk'umugore wagwaga neza agakunda Umwami Yesu. Ku bw'ibyo, igihe cyo yakimaraga afasha abandi kandi yabigiraga neza adoda akabohera abakene imyenda yo kwambara.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Umunsi umwe Doruka ararwara cyane maze arapfa. <b>(Ibyakozwe 9:37)</b> <i>Ni gute byamereye incuti zet?</i></li><li>• Babiri mu Bakristo bajya kureba Petero aho yari hafi mu murwa wa Yopa. <b>(Ibyakozwe 9:38, 39)</b></li><li>• Bidatinze, Petero aza kwa Doruka. <b>(Ibyakozwe:9:40, 41)</b> <i>Vuga birambuye uko bwa mbere Petero yasenze, ubundi akamuhamagara, akamufata ukuboko amufasha guhaguruka. Doruka yari abaye muzima. Gereranya ibyishimo bitandukanye n'uko Petero yahageze ibintu bimeze! Ibande kwerekana ko cyari igitangaza Petero yakoze kubera ububasha bw'Umwami Yesu bumukoreramo gusa.</i></li><li>• Abantu benshi bizeye mu Mwami Yesu. <b>(Ibyakozwe 9:42)</b></li><li>• <i>Dukeneye kwizera mu Mwami Yesu nk'uko ababonye Doruka azutse babikoze.</i></li><li>• <i>Sobanura ko ibyo bivuga gusa – kubona ko ari Umwana w'Imana, ko ari muzima kandi ko afite ububasha bwo kudukuraho ibyaha byacu. Kwizera Umwami Yesu bivuga ko tumwiringira rwose.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Ereka:</b> FBI -Tabita Doruka yazutse.</p>
<b>KWIGA</b>	<p>Igisha Uw'ingenzi - <b>Ibyakozwe 9:42</b> <i>Uyu murongo woroheye n'abana bato cyane – ongera urebe ko abana bawumva. Reba ko bazi 'Abenshi' ujyanaho. Ni iki cyabateye kwizera mu Mwami? Ni gute umuntu ashobora kwizera mu Mwami?</i></p>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni hehe Doruka yabaga?</li><li>• Ni gute yafashaga abantu?</li><li>• Kuki yafashaga abantu?</li><li>• Byagendekeya abantu gute Doruka apfuye?</li><li>• Ni nde wagiye kureba Petero?</li><li>• Ni iki Petero yakoze apfukamye imbere y'uburiri bwa Doruka?</li><li>• Ni iki Petero yabwiye Doruka?</li><li>• Ni iki Petero yakoze amaze kuvugisha Doruka?</li><li>• Ni iki abantu benshi bakoze Doruka amaze kuzurwa?</li><li>• Ni he dusanga Umurongo w'urufunguzo?</li></ul>

## A8 Inkuru 2

Petero yerekwa – Iyi nkuru ivuga ko Imana ikunda buri wese.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Petero yumviraga agakora icyo Imana imubwiye gukora.</li><li>• Imana ikunda buri wese kandi ishaka ko buri wese amenya ubutumwa bwiza bw'Umwami Yesu.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi:</b> <i>Yohana 3:16</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Ibyakozwe 10:9-23</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Vuga uburyo abantu batandukanye ukurikije ibihugu – koresha ibishushanyo n'amafoto niba wayabona.</li><li>• Vuga ku itandukaniro ry'ibara ry'uruho, imisatsi, imyambarire, imvugo n'ibindi.</li><li>• Imana yaremeye buri wese. Ishaka ko umuntu ubwe ayimenya n'Umwana wayo, Umwami Yesu .</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Mu gihe Petero yasengaga ari i Yopa (bifatanye na A8 inkuru 1) Imana ibwira Petero ko ikunda buri wese. <b>(Ibyakozwe 10:9–16)</b> <i>Ntihakenewe kuvuga byose by'iyerekwa. Ku bana b'Icyiciro 2 hagomba gusobanurwa ko uko kuri kwari gukomereye Petero kuko yari Umuyuda watekerezagako ari Abayuda bonyine b'ingenzi ku Mana. Petero yagombye kumenya ko buri wese adasanzwe ku Mana.</i></li><li>• Abashyitsi batatu baraza babwira Petero kujyana nabo kwa Koruneliyo. <b>(Ibyakozwe 10:17–22)</b> <i>Sobanura ko Koruneliyo yari umutware mu ngabo za Roma washakaga kurushaho kumenya Imana. Koruneliyo yari atandukanye na Petero kandi Petero ntiyagombaga gusura umuntu nk'uwo. Sobanura uburyo Petero yamenye ko bikwiriye ko agenda (1) Imana yakoresheje iki ibimubwira (2) Umwuka Wera amuyobora.</i></li><li>• Petero ajya i Kayisariya kwa Koruneliyo (mu bilometere 64). <b>(Ibyakozwe 10:23)</b> <i>Gerageza gutanga uko hareshya ugereranya n'ingano y'ahantu abana bazi. Urugendo rwafashe umunsi wose. Ibande ku kumvira kwa Petero afata urwo rugendo.</i></li><li>• <i>Tsindagira ko Imana ishaka ko buri wese amenya ko Imana imukunda. Yatanze Umwana wayo kudupfira ku musaraba kugira ngo buri wese ashobore kubabarirwa.</i></li><li>• <i>Rero niba warizeye Umwami Yesu, ushobora gufasha n'abandi kumenya ibye.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> FBI – Petero abwira Koruneliyo ibya Yesu.</p>
<b>KWIGA</b>	<p>Igisha usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi - <b>Yohana 3:16</b></p>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni nde wabanaga na Petero?</li><li>• Ni iki Petero yakoraga ku manywa?</li><li>• Ni iki Imana yashakaga ko Petero amenya ubwo yamuvugishaga?</li><li>• Ni abantu bangahe baje kureba Petero?</li><li>• Ni nde Petero yagombaga kujya gusura?</li><li>• Ni iki Koruneliyo yakoraga?</li><li>• Kuki Petero yagiye kwa Koruneliyo?</li><li>• Ni gute Imana yerekana ko yakunze buri wese mu isi?</li></ul> <p><b>Bikore:</b> Igice cy'inkuru aho abashyitsi bahageze gishobora gukinwa bigakomereza mu Nkuru 3. Abakuze mu bayobozi bakina ibice bireba abashyitsi na Petero.</p>

### A8 Inkuru 3

#### Petero na Koruneliyo – Iyi nkuru ivuga ku gukizwa k'Umutware mu ngabo za Roma.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Koruneliyo yabaye uwa mbere uteri Umuyuda (Umunyamahanga) wemeye Yesu, n'uko byabayeho.</li><li>• Imana ishaka kubabarira ibyaha bya buri wese wizera muri Yo.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi:</b> <i>Ibyakozwe 10:43</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Ibyakozwe 10:23-48</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Kuba dukomeje inkuru y'icyumweru gishize, birakwiriye ko hakoreshwa bimwe mu bibazo bikuwe mu Nkuru 2 ngo dusubiremo.</li><li>• Mumaze kubikora, ushobora guha abana urugero rw'ibyabaye by'ingenzi mu muryango wanyu byatumye abantu bateranira hamwe kumva amakuru.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Petero yageze kwa Koruneliyo. (<b>Ibyakozwe 10:24–33</b>) Fasha abana gushushanya icyabaye – urugo rwa Koruneliyo rwuzuyemo abantu bo mu muryango we n'incuti bategereje kureba petero. Koruneliyo yashakaga gufata Petero nk'umushyitsi udasanzwe bityo aramufukamira! Petero amubwira guhaguruka kuko bitari bikwiriye gufukamira umuntu usanzwe. Maze Koruneliyo asobanura ko Imana yamubwiye gutumira Petero. <i>Ushobora kwerekana ko Imana yabateguye bombi kugira ngo bahure!</i></li><li>• Ubutumwa bwa Petero. (<b>Ibyakozwe 10:34–43</b>) <i>Sobanura ukuntu Petero yababwiye ko Imana ishaka ko abantu bo mu mahanga yose bizera muri Yo.</i></li><li>• Vuga kuba yarababwiye iby'Umwami Yesu – ukuntu yakoze ibintu byiza, akiza abantu, akicwa maze akazurwa n'Imana mu bapfuye. Umwami Yesu umunsi umwe azacira abantu urubanza ariko icy'ingenzi nuko ubu ababarira ibyaha abizera muri We.</li><li>• Igisubizo cy'ababyumvise. (<b>Ibyakozwe 10:44–48</b>) Umwuka Wera yafashije abo bantu kumva icyo Petero yababwiye. Bizeye mu Mwami maze bababarirwa ibyaha byabo.</li><li>• <i>Sobanura ko icyo twumvise ubutumwa bwiza bw'Umwami Yesu, twakwifata nk'abo bantu kuri We. Mu kwizera muri We natwe ibyaha byacu byababarirwa.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> FBI – Petero abwira Koruneliyo ibya Yesu.</p>
<b>KWIGA</b>	<p>Igisha usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi - <b>Ibyakozwe 10:43</b>. <i>Tanga igisobanuro cya "buri wese" na "kubabarirwa"</i></p>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<p>Aho gutanga ibindi bibazo by'ihurizo byaba byiza umantse amasura ashushanyijemo Umurongo w'ingenzi. Buri wese agashushanya isura ye. Ibyo byafasha gukomeza ukuri k'urukundo rw'Imana Petero yigishije no kubafasha kumva buri wese bimureba. Abana bagenda bakurikirana gukata amasura ku binyamakuru byashaje uko bishoboka.</p> <p><b>Bikore:</b> Uko byatwanzwe mu Nkuru 2, ibi byakorwa.</p>

## A8 Inkuru 4

### Petero atabarwa – Iyi nkuru ivuga ku Mana isubiza amasengesho.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Incuti za Petero zaramusengeye.</li><li>• Imana iduhitiramo ibintu bitangaje mu gusubiza amasengesho yacu.</li></ul> <p><b>Uw’ingenzi:</b> <i>Yakobo 5:16</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Ibyakozwe:1-19</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Vuga ibyo gukoresha telephone tunganira n’incuti zacu cyangwa dutabaza umuntu. Niba bishoboka erekana telephone uyifashishe.</li><li>• Subira mu byo gusenga ko ari ukuvugana n’Imana. Imana ntituvugisha ariko buri gihe iratwumva. Ifite ubushobozi bwo gusubiza amasengesho yacu.</li><li>• Mu nkuru y’uyu muni, hari itsinda ry’incuti rifite icyo risengera gikomeye.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Petero arafunzwe. (<b>Ibyakozwe 12:1–4</b>) Umwami Herode yangaga abakurikira Yesu. Yakobo yari yarishwe. Nyuma gato Petero arafatwa arafungwa. Ibutsa iby’inyuma byabaye kuri Petero. (<i>Ibyakozwe 5: A7/ Inkuru 3</i>)</li><li>• Amasengesho y’incuti za Petero. (<b>Ibyakozwe 12:5</b>) <i>Vuga impamvu ari cyo cyiza cyo gukora.</i></li><li>• Gufungurwa. (<b>Ibyakozwe 12:6-10</b>) Ni ijoro mbere y’uko Petero aburana (<i>sobanura ko ukuntu urubanza rwari kugenda ari ingenzi</i>). Petero yari aboheye hagati y’abasirikare babiri ariko asinziriye. Vuga ukuntu Petero yatabawe na malayika usubiramo ibyabaye byose, ngo bitere abantu gutangara. Petero yumvaga ari nko kurota.</li><li>• Petero ku rugo rw’incuti ze. Ubwo Petero yari hanze mu nzira, abona ko Imana yamutabaye. <i>Ubu Petero yari amerewe gute? Akomeza kugenda ajya ku rugo rw’incuti ze. (Ibyakozwe 12:11–17) Vuga uko Roda yababwiye ko hari ukomanga ku rugi n’ibyo bavuze. Mbese baratunguwe?</i></li><li>• <i>Muvuge ku biba dushobora gusengera Imana. Imana buri gihe yumva amasengesho yacu ikadusubiza mu buryo ibona ari bwiza cyane.</i></li><li>• <i>Tujye twibuka gushima no guhimbaza Imana iyo isubije amasengesho yacu.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> FBI – Igitangaza cyo gufungurwa kwa Petero.</p>
<b>KWIGA</b>	<p>Igisha usobanura ibiri ngombwa muw’ingenzi - <b>Yakobo 5:16</b>. Uyu murongo utubwira ko amasengesho yacu agira icyo akora. Imana ikoresha amasengesho yacu umurimo wayo.</p>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni nde wafunze Petero?</li><li>• Ni nde Umwami Herode yari yarishe?</li><li>• Petero yakoraga iki ubwo Imana yoherezaga malayika?</li><li>• Kuki incuti za Petero zateraniye hamwe?</li><li>• Ni iki malayika yabwiye Petero gukora?</li><li>• Ni gute Petero yageze ku irembo rya gereza?</li><li>• Malayika yaherekeje Petero amugezaye?</li><li>• Ni ku ruhe rugo yagiyeho?</li><li>• Ni nde wasanze Petero ku irembo?</li><li>• Kuki Roda atahise akingura urugi?</li></ul> <p><b>Bikore:</b> Ubwo Petero yafungurwaga bishobora gukinwa na babiri babiri, umwana umwe ari nka Petero undi ari nka malayika. Ukuze akajya avuga ibikorwa ayobora abana kubikora.</p>

## A9 Inkuru 1

### Yakobo ariganya umuvandimwe we – Iyi nkuru ivuga ku kwikunda

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Kwikunda ari ugushyira imbere ibyawe n'ubwo ibyo byaba bigirira nabi abandi.</li><li>• Nka Yakobo, twaba twikunda, kandi ibyo ni icyaha ku Mana.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi:</b> <i>Waba Itangiriro 25:28 cyangwa Abafilipi 2:3</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Itangiriro 25:19 - 34</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Hari abantu b'impanga waba uzi? Ese baratandukanye, cyangwa bateye kimwe bakaba banasa? Wigeze urwana na basaza bawe cyangwa na bashiki bawe?</li><li>• Kwikunda bisobanura iki? Tekereza igihe umuntu uzi yakoze mu kwikunda bikakugiraho ingaruka mbi !</li><li>• Iyi nkuru ivuga ku bavandimwe babiri batabanye neza cyane. Umwe yitekerezagaho gusa maze ariganya mugenzi we.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Isaka na Rebeka bari bategereje kubyara impanga. Mbere y'uko zivuka, Imana ibwira Rebeka ko umuhungu mukuru azaba umugaragu w'umuto. <b>(Itangiriro 25:19-23)</b></li><li>• Impanga zivutse, bigaragara neza ko rwose bari batandukanye. Umuhungu mukuru, Esawu yari afite ubwoya, naho umubiri w'umuvandimwe we Yakobo unyerera. <b>(Itangiriro 25:24-26)</b> Banezewaga kandi n'ibintu bitandukanye – Esawu agakunda kujya guhiga naho Yakobo akigumira mu rugo. Buri mubyeyi yari afite umuhungu akundwakaza. Esawu kuri Isaka, na Yakobo kuri Rebeka. <b>(Itangiriro 25:27-28)</b></li><li>• Rimwe, Yakobo yari akaranze imboga, mu gihe Esawu yari yagiye guhiga. Fasha abana gutekereza uko byari biri – Esawu aje ananiwe kandi ashonje cyane, agahumirirwa n'urukarango! Hari uburenganzira Esawu yari afite, ariko Yakobo yari umugome. Amubwira ko kugira ngo amuhe ku rukarango ari uko Esawu yamwegurira ubutware bw'ubukuru bwe. <i>Sobanura ubwo butware. Umuhungu w'imfura mu muryango yahabwaga ubutware. Bivuga ko iyo se yapfaga ari we wayoboraga umuryango, agahabwa incuro ebyiri z'umugabane ku butunzi bwa se.</i></li><li>• Esawu ntiyatekereje, yari yisonzeye! Yemera kuriganywa n'umuvandimwe we maze agurana ubutware bwe ibiryo. <b>(Itangiriro 25:29-34)</b> <i>Muvuge ku bikorwa by'abo bahungu bombi. Yakobo yagombaga kuriganya ubutware bwa Esawu? Esawu yagombaga kwemera gukurana ubutware bwe isahani y'ibiryo?</i></li><li>• <i>Utekereza ko Imana yishimiye Yakobo na Esawu?</i></li><li>• <i>Rimwe na rimwe, nka Esawu na Yakobo dutekereza gusa ku byo dushaka. Iyo twikunda tuba dukora icyaha ku Mana.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekan:</b> bibleforchildren.org – Yakobo. FBI – Esawu yagurishije ubutwarebwe kuri Yakobo</p>
<b>KWIGA</b>	Igisha usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi – <b>Waba Itangiriro 25:28 cyangwa Abafilipi 2:3</b>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Amazina y'abo bahungu babiri bo mu nkuru ni ayahe?</li><li>• Ni nde muhungu mukuru?</li><li>• Vuga uburyo bubiri abo bahungu bari batandukaniyeho.</li><li>• Ubutware bw'imfura ni iki?</li><li>• Kuki utekereza ko Yakobo yifuzaga ko ubutware bw'imfura buba ubwe?</li><li>• Ni gute Yakobo yariganije Esawu?</li><li>• Ni irihe somo twakura muri iyo nkuru?</li></ul>

## A9 Inkuru 2

### Yakobo abeshya Se – Iyi nkuru ivuga uburyo Yakobo yariganije.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Rebeka na Yakobo bashakaga kubeshya Isaka.</li><li>• Kuriganya no kubeshya ni bibi mu maso y'Imana.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi:</b> <i>Waba Itangiriro 27:20 cyangwa Zaburi 32:2</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Itangiriro 27:1-29</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Kubeshya ni iki?</li><li>• Muri iyi nkuru Yakobo yabeshye se. icyo kinyoma cyakomererekeje cyane se n'umuvandimwe we.</li><li>• Tekereza ku zindi nkuru aho umwe yabeshye maze bigakomeretsa undi muntu.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Isaka umusaza wahumye. Mbere yo gupfa ashaka guha umugisha umuhungu we mukuru. Abwira Esawu kumutegurira ibiryo biryoshye. <b>(Itangiriro 27:1 – 4)</b> <i>Sobanura ko mu bihe bya Bibiliya umwana mukuru yahabwaga na se umugisha mbere y'uko apfa.</i></li><li>• Rebeka yumva uko Isaka yari agiye guha umugisha Esawu. We na Yakobo bategura umugambi wo kubeshya Isaka ngo Yakobo abe ari we uhabwa umugisha. Bityo Rebeka ateka ibiryo biryoshye, amaboko ya Yakobo ayatwikiriza uruhu rw'ihene ngo agire ubwoya nka Esawu. <b>(Itangiriro 27:5 – 17)</b> <i>Ibutsa abana ko buri mubyeyi yari afite umuhungu akundwakaza. Yakobo yari uwa Rebeka naho Esawu akaba uwa Isaka. Buri wese yashakaga ko uwe ahabwa umugisha. Tanga urugero rwo gukundwakaza mu rugo cyangwa ku ishuli abana bazabona ko atari byiza!</i></li><li>• Yakobo azanira ibyo biryo Isaka. Amubeshya ko ari we Esawu. Isaka atangazwa n'uko Esawu ahise ategura vuba ibiryo biryoshye by'umuhigo. <b>(Itangiriro 27:18 – 20)</b> <i>Utekereza ko Rebeka na Yakobo banejeje Imana? Kuki?</i></li><li>• Isaka yakomeje gushidikanya. Ese koko ni Esawu? Kubimenya neza akora ku maboko ya Yakobo yumva hari ubwoya. Ati nibyo amaboko ni nk'aya Esawu ariko ijwi ni nk'irya Yakobo. Isaka biramuyobera. Aho nanone Yakobo abeshya se amubwira ko ari we Esawu. <b>(Itangiriro 27:21 – 24)</b></li><li>• Isaka aya ibiryo Yakobo yari amuzaniye. Arigangijwe aha umugisha Yakobo atekereza ko ari Esawu awuhaye. <b>(Itangiriro 27:25 – 29)</b> <i>Ni gute utekereza ko byagendekeye Isaka amenye ko bamubeshye?</i></li><li>• <i>Kuki utekereza ko Imana idutegeka kutabeshya?</i></li><li>• <i>Reba urugero rw'Umwami Yesu.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> bibleforchildren.org – Yakobo. FBI – Yakobo abeshya Isaka.</p>
<b>KWIGA</b>	Igisha usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi – Waba <b>Itangiriro 27:20 cyangwa Zaburi 32:2</b>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni uwuhe muhungu Isaka yakundwakazaga?</li><li>• Ni uwuhe muhungu Rebeka yakundwakazaga?</li><li>• Ni iki Isaka yari agiye gukorera Esawu mbere y'uko apfa?</li><li>• Rebeka yashakaga ko Esawu ahabwa umugisha? Kuki atabishakaga?</li><li>• Ni gute Yakobo na Rebeka babeshye Isaka?</li><li>• Kuki Isaka atamenye ko ari Yakobo uhari?</li><li>• Utekereza ko mu nkuru Yakobo na Rebeka banejeje Imana? Kuki batayinejeje?</li></ul>



### A9 Inkuru 3

## Yakobo ahura n'Imana – Iyi nkuru ivuga ukwitabwaho n'Imana.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Dushobora kwiringira Imana kuko buri gihe ikomeza amasezerano yayo.</li><li>• Imana itwitaho.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi:</b> <i>Waba Itangiriro 28:16 cyangwa Zaburi 86:11</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Itangiriro 28:1-22</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ibutsa abana uburyo Yakobo yariganije Esawu mu nkuru twabonye. Esawu yararakaye cyane ashaka kwica Yakobo. Yakobo ahita aba avuye mu rugo.</li><li>• Bwira abana gutekereza babaye Yakobo. Ukuntu bakumva bameze bagombye kuva iwabo nk'uko bakagenda?</li><li>• sobanurira abana ko n'ubwo Yakobo yakoze nabi, Imana yakomeje kumwitaho kandi iramukunda, Uyu muni inkuru itubwira uko Imana yiyeretse Yakobo.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Isaka yahaye umugisha Yakobo n'amabwiriza yo kuva iwabo akajya i Harani mu muryango wa nyirarume Labani. Aho, yari kuhakura umugeni akamugira umugore. <b>(28:1-5)</b></li><li>• Mu rugendo rwe, Yakobo nijoro araryama aruhuka. Yisigura ibuya. Tekereza uko byari bimeze! Ubwo yari asinziriye, arota urwego ruhagaze ku isi rukagera mu ijuru. Abamalayika b'Imana bazamuka barumanukiraho. <b>(28:10-12)</b></li><li>• Imana yari ihagaze ku isonga ry'urwego. Ibwira Yakobo kumuha umugisha n'urubyaro rwinshi. Imana isezeranya Yakobo kujyana na we. Ko umunsi umwe izamugarura mu rugo. <b>(28:13 – 15)</b> <i>Muvuge ku cyo isezerano ari cyo. Ese buri gihe dukomeza amasezerano yacu? Kuki tutayakomeza? Sobanurira abana ko buri gihe Imana ikomeza amasezerano yayo. Ifite ubushobozi bwose kandi ntabwo ibeshya.</i></li><li>• Yakobo akangutse amenya ko aho hantu hari Imana. <i>Sobanura ukuntu Yakobo yumvise atinye atekereje ko Imana yari iri aho. Yakobo yari yarakoze ibibi byinshi bitanzezeza Imana. Ariko Imana yakomeje kumwitaho. Maze afata ibuye arishinga nk'inkingi ubundi asukaho amavuta hejuru. Aho hantu ahita Beteli. Yakobo asezerana ko niba Imana izabana nawe ikamugarura mu rugo, ubwo Uwiteka azaba Imana ye. <b>(28:16-22)</b> Yakobo buri gihe yakomeje gukenera kumenya ko Imana ikomeza amasezerano yayo!</i></li><li>• <i>Turi nka Yakobo kuko twakoze ibintu bibi. Imana ikunda buri wese ikamwitaho, nk'uko yakunze Yakobo. Sobanura ko yohereje Umwana wayo kudupfira ku musaraba. Umwami Yesu ni nk' urwego rutugeza ku Mana, rutugeza iwacu mu Ijuru.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekan:</b> bibleforchildren.org – Yakobo. FBI – Imana ibwirira Yakobo mu nzozi.</p>
<b>KWIGA</b>	Igisha usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi – Waba <b>Itangiriro 28:16 cyangwa Zaburi 86:11</b>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Kuki Yakobo yagombye kuva iwabo?</li><li>• Ni iki Yakobo yagize nk'umusego?</li><li>• Ni iki Yakobo yabonye mu nzozi ze?</li><li>• Ni iki Imana yabwiye Yakobo mu nzozi?</li><li>• Ese Imana yitaye kuri Yakobo n'ubwo yakoze ibibi mbere?</li><li>• Ni gute tuzi ko Imana itwitaho?</li><li>• Ni iki Yakobo yakoresheje ibuye?</li><li>• Ni gute Umwami Yesu ameze nk'urwego?</li></ul>

## A9 Inkruru 4

### Yakobo arongora – Iyi nkuru ivuga ukuntu Yakobo yafashwe na nyirarume

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Yakobo umuringanya, nawe yariganijwe.</li><li>• Dukwiriye kugirira abandi mu buryo dushaka ko nabo batugirira.</li></ul> <p><b>Uw’ingenzi:</b> <i>Waba Itangiro 29:28 cyangwa Abagalatiya 6:7</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Itangiro 29:1-30</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Waba warigeze ujya kuba mu muryango utigeze umenya mbere? Byari bimeze gute? Cyangwa vuga ikintu cyakubayeho. Ibutsa abana ko Yakobo yari agiye i Harani kubana na nyirarume.</li><li>• Shyiramo imyifatire mishya mu nkuru, Labani n’abakobwa be Leya na Rasheli.</li><li>• Muri iyi nkuru Yakobo azamenya kuriganywa uko bimeze.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Yakobo agiye i Harani. Ku mpera y’urugendo rwe ahura n’abashumba ku iriba. Bazi nyirarume Labani. <b>(Itangiro 29:1 – 8)</b></li><li>• Rasheli, umukobwa wa Labani, yaje ku iriba ari kumwe n’umukumbi we. Yakobo yamufashije kuhira umukumbi akuraho ibuye ku munwa w’iriba. <b>(Itangiro 29:9 – 10)</b></li><li>• Yakobo yibwira Rasheli. Uyu nawe ariruka ajya mu rugo kubibwira se Labani wamutumyeho kuza kubana nawe. <b>(Itangiro 29:11 – 14)</b> <i>Tekereza uko baba baragiye baganira!</i></li><li>• Yakobo yabaye aho akorera Labani. Yagombaga gukorera Labani imyaka irindwi kugira ngo azamushyigire Rasheli. Yemeye kubikora kuko yakundaga Rasheli. <b>(Itangiro 29:15 – 20)</b></li><li>• Ariko Labani ariganya Yakobo. Aho kumuha Rasheli, amushyigira Leya. <b>(Itangiro 29:21 – 27)</b> <i>Utekereza ko Yakobo yamerewe gute abonye bamubeshye? Bwira abana kuvuga uburyo Yakobo yabeshye abandi.</i></li><li>• Yakobo yaje no kurongora Rasheli nawe ariko agomba kongera gukora indi myaka irindwi. <b>(Itangiro 29:29 – 30)</b> <i>Bisa nk’aho Labani yungutse muri Yakobo!</i></li><li>• <i>Wumva Yakobo yari yarigeze ababazwa n’igihe yariganyaga abandi?</i></li><li>• <i>Bamwe bashobora kuvuga ko yakorewe ibimukwiriye. Abana babitekerezaho iki?</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> bibleforchildren.org – Yakobo. FBI – Yakobo abeshywa yarongoye.</p>
<b>KWIGA</b>	Igisha usobanura ibiri ngombwa muw’ingenzi – Waba <b>Itangiro 29:28 cyangwa Abagalatiya 6:7</b>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni hehe Labani yabaga?</li><li>• Ni ayahe mazina y’abakobwa babiri ba Labani?</li><li>• Ni gute Yakobo yafashije Rasheli ageze i Harani?</li><li>• Ni uwuhe mukobwa Yakobo yakundaga?</li><li>• Yakobo yasabye gukora imyaka ingahe ngo arongore Rasheli?</li><li>• Ni gute Labani yariganije Yakobo?</li></ul>

## A10 Inkuru 1

### Sitefano apfira Umwami Yesu –Iyi nkuru ivuga ku rukundo rukomeye rwa Sitefano ku Mwami Yesu

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Sitefano yakunze Imana agakunda n’abanzi be.</li><li>• Yesu yari kumwe na Sitefano ubwo yaterwaga amabuye kandi yari amutegereje mu Ijuru.</li></ul> <p><b>Uw’ingenzi:</b> 1 Yohana 4:19 <b>Igice cya Bibiliya:</b> Ibyakozwe 6:8-15, 7:54-60</p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Baza abana iby’igihe baba barafashijwe n’abandi.</li><li>• Byakumerera gute mu gihe ugerageza gufasha abandi kandi bo badashaka ko ubafasha? Bakwita ngo iki ndetse bagerageza kukugirira nabi?</li><li>• Iyi nkuru ya Bibiliya ivuga ku muntu wafashaga abandi. Reka turebe uko abandi bamufashe.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Sitefano yakundaga Umwami Yesu. Yakoze ibitangaza bifasha abandi ariko bamwe mu bagabo b’Abayuda ntibamukundaga cyangwa ntibakundaga Yesu. Bamugambanira kumugirira nabi no kumubuza kubwira abantu ko Yesu yabapfiriye. <b>(Ibyakozwe 6:8-11)</b></li><li>• Abo bantu babeshyeye Sitefano bamwangisha abandi, bamujyana mu rukiko ngo acirwe urubanza. Bari bafite abamushinja ibyo yavuze. <b>(Ibyakozwe 6:12-15)</b> <i>Wari kumva umeze ute iyo uba Sitefano?</i></li><li>• N’ubwo havuzwe ibinyoma kuri Sitefano no kuri Yesu, ntabwo Sitefano yarakaye. Abantu bashoboye kubona ko Yesu ari kumwe nabo – koko mu maso hasaga n’aha malayika. <b>(Ibyakozwe 6:15)</b> Sitefano yashyigikiye Yesu bituma abantu barushaho kurakara. <b>(Ibyakozwe 7:54)</b> Aho kugira ubwoba, Sitefano areba mu Ijuru abona Yesu amutegereje. <b>(Ibyakozwe 7:55-56)</b> <i>Sitefano yumvise ameze gute abonye Yesu?</i></li><li>• Abantu barakarira cyane Sitefano ntibumva icyo avuga. Bakurubanira Sitefano hanze y’umurwa bamutera amabuye. Babikoze Sitefano asenga ngo Yesu yakire umwuka we kandi ababarire abamutera amabuye. Maze arapfa. <b>(Ibyakozwe 7:57-60)</b></li><li>• <i>Mbere yo gupfa Sitefano yasabye Yesu kugira icyo akora ku banzi be – kuki utekereza ko yakozwe ibyo?</i></li><li>• <i>Ni gute twababarirwa ibibi dukora?</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> FBI - Sitefano ahorwa Imana.</p>
<b>KWIGA</b>	<p>Igisha usobanura ibiri ngombwa muw’ingenzi - 1 Yohana 4:19. Sobanura ko urukundo rwa Sitefano ku Mwami Yesu rwerekanwe n’uburyo yashatse kumupfira. Umwami Yesu yari yarerekanye urukundo rwe kuri Sitefano nawe amupfira ku musaraba.</p>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Sitefano yafashaga abandi mu Itorero. Ni gute yafashaga?</li><li>• Bose bakundaga Sitefano? Kuki batamukundaga?</li><li>• Ni gute abagabo b’Abayuda bangishije abantu Sitefano?</li><li>• Ni gute Sitefano yifashe Yesu nawe babeshyewe?</li><li>• Sitefano yabonye iki arebye mu Ijuru?</li><li>• Ni iki abantu bakoreye Sitefano?</li><li>• Ni iki Sitefano yakozwe asenga?</li><li>• Ni gute dushobora kubabarirwa?</li></ul>

## A10 Inkuru 2

### Filipo avuga Ubutumwa Bwiza – Inkuru ivuga Umunyafurika wizeye mu Mwami Yesu.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Dukeneye kwizera mu Mwami Yesu ngo tubabarirwe ibyaha byacu.</li><li>• Imana idufasha gusobanukirwa ibice bikomeye by'Ijambo ryayo, Bibiliya.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi:</b> <i>Ibyakozwe 8:35</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Acts 8:26-40</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Baza abana uko ubutayu buteye. Busa gute? Hameze gute? Bakubwiye kujya mu butayu kuvugisha umunyamahanga, wajyayo?</li><li>• Ese wakwibuka igihe ikintu cyakugoye kumva. Urugero igitabo, ikibazo cy'imibare? Ni nde wabigufashijemo?</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Filipino yizeraga Yesu kandi yigishaga ubutumwa bwiza bwa Yesu mu migi no mu midugugudu. Umunsi umwe malayika amubwira kujya ku muhanda ugana mu butayu. <i>(Ni iki Filipino yatekereje kuri ibyo?)</i> Sobanura uko Filipino yabonye igare ryaje rimusanga. Byahindutse kuba umunyacyubahiro wo muri Etiyopiya wasubiraga iwabo. <i>(Sobanura ibyo)</i> <b>(Ibyakozwe 8:26-28)</b> <i>Utekereza ko uwo Munyetyopiya yari akeneye kumva iki?</i></li><li>• Maze Umwuka Wera abwira Filipino gusanga uwo muntu. Yarimo gusoma cyane muri Yesaya, igitabo cy'Isezerano rya Kera. Filipino amubaza niba yumva ibyo asoma, undi biramuyobera! <b>(Ibyakozwe 8:29-31)</b> <i>Umwe mu mirongo wavugaga umuntu uzicwa nk'umwana w'intama. (Sobanura ko umwana w'intama adasakuza iyo bawujyanye kubagwa.)</i> Filipino amusobanurira ko iyo mirongo yavugaga ku Mwami Yesu wari gupfira ku musaraba ku bw'ibyaha byacu. <i>(Vuga ubushake bwo gupfa bwa Yesu)</i></li><li>• Maze Umunyetiyopiya yumva ko yakoze ibyaha kandi ko akeneye kubabarirwa n'Imana. Bidatinze, yizera ko Kristo yamupfiriye. <b>(Ibyakozwe 8:32-35)</b></li><li>• Filipino aramubatiza yerekana ko abaye ukurikira Yesu <i>(Sobanura iby'umubatizo)</i>. Garagaza uguhinduka n'ibyishimo byabaye mu buzima bwe.</li><li>• Umwuka Wera ajyana Filipino ahandi kuvuga ibya Yesu. <b>(Ibyakozwe 8:36-40)</b></li><li>• Imana ishaka kuri buri wese kumenya ko Yesu yapfiriye ibyaha bye ku musaraba. Vuga ku bantu badufasha kumenya icyo Bibiliya ivuga. <i>Dushimire ko twumvise inkuru nziza ya Yesu.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekan:</b> FBI – Filipino n'umutware wo muri Etiyopiya.</p>
<b>KWIGA</b>	Igisha usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi - <b>Ibyakozwe 8:35</b>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni he malayika yabwiye Filipino kujya?</li><li>• Uwo muntu ni uwo mu kihe gihugu?</li><li>• Kuki Filipino yamusanze?</li><li>• Ibyo yasomaga byavugaga ku ki?</li><li>• Ni iki umuntu yakoze mu gihe Filipino yamubwiraga ibya Yesu?</li><li>• Ni he yabatirijwe?</li><li>• Yasubiye iwabo yumva ameze gute?</li><li>• Ni gute dushobora kubabarirwa ibyaha byacu?</li></ul>

### A10 Inkuru 3

Sawuli atungurwa n'umucyo – Iyi nkuru ivuga ku bubasha bw'Imana bwo guhindura ubuzima.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Yesu akunda buri wese kandi ko yapfiriye bose, ndetse n'abantu bamwanga.</li><li>• Ni Umwami Yesu gusa ushobora guhindura ubuzima bw'umuntu.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi:</b> <b>2 Abakorinto 5:17</b> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <b>Ibyakozwe 9:1-9</b></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Sawuli yari Umuyuda wanga Yesu. Yangaga abantu bakurikira Yesu cyane ku buryo yashakaga ko bapfa. Sobanura uburyo yari aho Sitefano aterwa amabuye. (Inkuru 1)</li><li>• Baza abana niba barakunze Sawuli nk'incuti? Kuki / kuki batamukunze?</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Umunsi umwe Sawuli ajya mu murwa witwa Damasiko agiye gushaka Abakristo ngo abafunge. <b>(Ibyakozwe 9:1-2)</b> Muvuge ku mimerere n'imyifatire ya Sawuli ari mu nzira.</li><li>• Ari hafi ya Damasiko ako kanya agotwa n'umucyo agwa hasi. <i>Koresha amagambo yabwiwe Sawuli n'uko yasubije. Vuga uko Sawuli yiyumvise. (Ibyakozwe 9:3-4)</i></li><li>• Ijwi rivuga ko ari Yesu. <i>Sobanura icyo Sawuli yamenye – Yesu ni Umwana w'Imana, ni muzima, ibyo yatekerezagaga kuri Yesu byose byari bibi! Yesu amubwira kujya mu murwa wa Damasiko aho azabwirwa icyo gukora. Abari kumwe na Sawuli batangazwa no kumva ijwi ntibagire umuntu babona. (Ibyakozwe 9:5-7)</i></li><li>• Sawuli yahagurutse ari impumyi ayanwa mu murwa arandaswe. Mu minsi itatu akomeza kuba impumyi atarya kandi atanywa ikintu cyose. <b>(Ibyakozwe 9:8-9)</b> <i>Ni gute yiyumvaga yabaye impumyi?</i></li><li>• <i>Muvuge impamvu Umwami Yesu yahuye na Sawuli muri ubwo buryo. Wibutse abana ko Sawuli yangaga Yesu n'abamukurikira. Yashakaga kubabona bapfuye no mu gihe bitabakwiriye. Umwami Yesu yashatse guhindura ubuzima bwe rwose.</i></li><li>• <i>Dukeneye ko Umwami Yesu akuraho icyaha cyacu akaduha imbaraga z'ubuzima bushya.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> FBI – Uguhinduka kwa Sawuli.</p>
<b>KWIGA</b>	<p>Igisha usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi - <b>2 Abakorinto 5:17</b>, bisanishe n'ubuzima bwa kera bwa Sawuli no kuba turi "muri Kristo" ko ubuzima bwacu bwarahindutse buba bushya.</p>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni hehe Sawuli yari agiye?</li><li>• Kuki yafashe urwo rugendo?</li><li>• Ni iki yabonye?</li><li>• Ni iki yumvise?</li><li>• Ni iki ijwi ryavuze?</li><li>• Ni iki Sawuli yamenye yumvise ko ari Yesu umuvugisha?</li><li>• Ni iki Sawuli atakoze mu minsi itatu?</li><li>• Ni nde wenyine ushobora kuduha ubushobozi bwo kubaho ubuzima bushya?</li></ul>

## A10 Inkuru 4

Sawuli aba umuntu wahindutse – Iyi nkuru ivuga ukuntu Imana yakoresheje Sawuli kubwiriza abandi.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Imana ishaka kudufasha kandi ko itwoherereza abantu iyo tubakeneye.</li><li>• Nka Sawuli, Imana ihindura ubuzima bw'abantu ubu, kandi ikabakoresha umurimo wayo.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi:</b> <i>Ibyakozwe 9:20</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Ibyakozwe 9:10-23</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Subiramo igice cya mbere cy'inkuru ya Sawuli – uribuka uko Sawuli wa 'kera' yari ameze? Ni gute abakurikira Yesu babaga i Damasiko uko bumvaga bameze kuri Sawuli wa "kera"? (abateye ubwoba...)</li><li>• Imana yari ikeneye kubategura ngo bemere Sawuli mushya nk'uko mu muryango wayo. Reka turebe uko byabaye.....</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Imana yabwiye Ananiya mu nzozi kujya kureba Sawuli. (<b>Ibyakozwe 9:10-12</b>) <i>Utekereza ko Ananiya yashakaga kujyayo? Kuki atabishakaga?</i></li><li>• Ananiya yatinyaga ko Sawuli yamufata cyangwa akamwica. Imana imubwira kudatinya kuko yari yahamagariye Sawuli umurimo udasanzwe – kubwira iby'Imana abantu batigeze babyumva mbere. (<b>Ibyakozwe 9:13-16</b>)</li><li>• Ananiya arumvira ajya kureba Sawuli. Amwita mwene Data (<i>sobanura kuki bari bene Data</i>) ko yoherejwe n'Umwami Yesu. Arambika ibiganza bye ku maso ya Sawuli kugira ngo ahumuke. Sawuli yuzuzwa Umwuka Wera. Arabatizwa maze ararya. (<b>Ibyakozwe 9:17-19a</b>) <i>Ni gute Sawuli yamerewe asuwe na Ananiya?</i></li><li>• Bidatinze Sawuli ahura n'abandi bakurikira Yesu i Damasiko. Ako kanya atangira kubwiriza iby'Umwami Yesu. <i>Sobanura uko abahuye na Sawuli i Damasiko babifashe. Uko siko batekerezaga ko Sawuli ameze!</i></li><li>• Abayuda bumvise guhinduka k'ubuzima bwa Sawuli ntabwo bakunze ubutumwa yigishaga maze bagambanira kumwica. Sawuli yagombye guhungishwa i Damasiko nijoro ari mu gitebo amanurirwa ku rukuta. (<b>Ibyakozwe 9:19-25</b>) <i>Garagaza itandukaniro ritewe no guhinduka k'ubuzima bwa Sawuli mu biri kuba ubu ari uwizera Yesu.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> FBI – Guhinduka kwa Sawuli.</p>
<b>KWIGA</b>	Igisha usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi - <b>Ibyakozwe 9:20</b>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni gute Imana yabwiye Ananiya?</li><li>• Kuki Ananiya yagize ubwoba bwo kujya kureba Sawuli?</li><li>• Ni uwuhe murimo mushya Sawuli yari agiye gukora?</li><li>• Byagenze gute ku maso ya Sawuli igihe Ananiya amurambikaho ibiganza?</li><li>• Ni iyihe yindi mpano Sawuli yahawe ubwo Ananiya yamusuraga?</li><li>• Ni iki Sawuli yahise atangira gukora?</li><li>• Kuki Sawuli yahungishijwe mu gitebo?</li><li>• Ni gute ubuzima bwacu bwahinduka rwose nk'uko byagenze kuri Sawuli?</li></ul>

## A11 Inkuru 1

### Pawulo (Sawuli) muri Antiyokiya – Iyi nkuru ivuga ugufashwa mu murimo w’Imana.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Abantu bizera Yesu bitwa “Abakristo”.</li><li>• Imana itugirira umugambi wihariye iyo tuyizera – ishaka ko tuba abafasha bayo.</li></ul> <p><b>Uw’ingenzi:</b> <i>Ibyakozwe 11:26</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Ibyakozwe 11:19-26</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Baza abana ukuntu bafasha mu bihe bitandukanye – ni gute wafasha umwarimu wawe? Ni iki wakora mu rugo ufasha niba nyoko arwaye?</li><li>• Sobanura ko inkuru y’uyu muni ivuga abantu babiri bafashanya mu murimo w’Imana.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Inkuru nziza ya Yesu yarakwiriye maze itorero ry’Imana rirakura. Abizera bamwe bari baragiye kuba mu murwa witwa Antiyokiya. Aho bashoboye kubwiriza ubutumwa bwiza abantu batari barigeze babwumva mbere maze benshi bizera mu Mwami Yesu. <b>(Ibyakozwe 11:19-21)</b></li><li>• Ntibyatizze itorero rya Yerusalemu rimenyaye ibyo bintu bikomeye byabereye Antiyokiya. <i>Abizera bamereye gute? (baranezerwa)</i> Bemeranya koherezayo umuntu witwa Barinaba. Ajyaye maze ashimishwa n’uko ahasanze abizera benshi bashya. Barinaba akora uko ashoboye kose yigisha kandi akomeza abizera bashya mu gukunda Umwami Yesu. <b>(Ibyakozwe 11:22-24)</b> <i>Barinaba yari muntu ki?</i></li><li>• Barinaba yari afite akazi kenshi muri Antiyokiya ku buryo yari akomeye umufasha. Imana imwibutsa Sawuli, bari barahuye mbere. Nyuma yuko Sawuli ahuye n’Umwami Yesu, yagarutse i Taruso, aho yari yaravukiye. Barinaba ajya i Taruso azana Sawuli muri Antiyokiya kumufasha mu murimo. <b>(Ibyakozwe 11:25-26)</b>.</li><li>• <i>Sobanura ko Antiyokiya ari ahantu h’ingenzi kuri Sawuli/Pawulo kuko ariho yatangiye umurimo nk’intumwa. Wari umurimo wihariye Imana yamuteguriye Sawuli na Barinaba bamaze uwumakira ukurikiraho muri Antiyokiya, bigisha abizera aho ngaho. Muri icyo gihe, abizera Yesu Kristo bitwa bwa mbere ‘Abakristo’.</i> <b>(Ibyakozwe 11:26)</b></li><li>• <i>Mu gihe twiringira Yesu natwe duhinduka “Abakristo”. Dusangira izina rye! Imana ifitiye umugambi wihariye Abakristo bose, nkuko yari iwufitiye Pawulo. Ishaka ko Abakristo baba abafasha bayo.</i></li><li>• <i>Ni iki dukomeye gukora ngo duhinduke Abakristo?</i></li><li>• <i>Niba turi Abakristo, ni mu buhe buryo Imana idukoresha kuba abafasha bayo?</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b></p>
<b>KWIGA</b>	Igishe usobanura ibiri ngombwa muw’ingenzi - <b>Ibyakozwe 11:26</b>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni mu wuhe murwa itorero ryarimo gukura?</li><li>• Ni nde ab’i Yerusalemu bohereje muri Antiyokiya?</li><li>• Ni iki Barinaba yakoze muri Antiyokiya?</li><li>• Ni iki Barinaba yahise akenera?</li><li>• Ni nde Barinaba yagiye kureba?</li><li>• Sawuli na Barinaba bamaze igihe kingana iki muri Antiyokiya?</li><li>• Ni irihe zina ryahawe abizera Yesu?</li><li>• Ni uwuhe murimo Sawuli yakoze?</li></ul>

## A11 Inkuru 2

Pawulo (Sawuli) muri Kupuro – Iyi nkuru ivuga ku kubwira abandi iby'Umwami Yesu.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Dukeneye guhitamo neza twizera Yesu.</li><li>• Tuzabwira abandi bantu ibya Yesu.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi:</b> <i>Matayo 28:19</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Ibyakozwe 13:1-12</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Abana bakore ari babiri babiri, kandi tekereza ko hari byinshi bashobora kuri Yesu.</li><li>• Sobanurira abana ko inkuru y'uyu muni ivuga Pawulo (izina ryahindutse), Barinaba na Yohana Mariko bagiye kubwira abantu ibya Yesu.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Umunsi umwe Abakristo muri Antiyokiya barateranye. Pawulo na Barinaba bari bahari. Umwuka Wera yereka neza abandi bayobozi ko Barinaba na Pawulo bagomba gukora umurimo wihariye ku Mana. Nyuma yo kubisengera Imana, Barinaba, Sawuli na Yohana Mariko wari mwishywa wa Barinaba, bajya mu bwato ku kirwa kitwa Kupuro. (<b>Ibyakozwe 13:1-4</b>)</li><li>• Bahageze, bazenguruka hose babwiriza ubutumwa bwiza. Ahantu hitwa Pafo bahura n'umukonikoni wakoreraga umutegeka mukuru wa Kupuro. Umutegeka amenye ibya Barinaba na Sawuli ashaka guhura nabo. Yumva Ijambo ry'Imana ariko Eluma wa mukonikoni, agerageza kumubuza kwizera. (<b>Ibyakozwe 13:5-8</b>)</li><li>• Sawuli yari azi ko umukonikoni akora umurimo wa dayimoni. Sawuli yuzura imbaraga z'Umwuka Wera. Atumbera umukonikoni amubwira ko akora ibibi kandi ko Umwami agiye kumugira impumyi. Ako kanya akibivuga, Eluma arahuma maze akabakaba iruhande ashaka uwamurandata. (<b>Ibyakozwe 13:9-11</b>) <i>Sobanura ko ari bibi gutambamira Umwami Yesu.</i></li><li>• Umutegeka yabonye gukomera kw'imbaraga z'Imana maze yizera Yesu. (<b>Ibyakozwe 13:12</b>)</li><li>• <i>Pawulo, Barinaba, Yohana Mariko n'umutegeka bahisemo neza bizera Yesu. Eluma yahisemo nabi. Natwe Yesu ashaka ko tumwizera.</i></li><li>• <i>Kuki ubutumwa bwa Yesu ari bwo bwonyine bukwiriye by'ukuri?</i></li><li>• <i>Hari undi muntu uzi ubwira abantu ibya Yesu ahandi hantu?</i></li><li>• <i>Ni gute wabwira abandi bantu ibya Yesu?</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> FBI - Pawulo na Barinaba basura Kupuro.</p>
<b>KWIGA</b>	<p>Igisha usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi - <b>Matayo 28:19</b>. Sobanura ko ayo ari amagambo ya Yesu mbere y'uko asubira mu Ijuru. Wari umugambi we ko abantu ba hose (amahanga yose) bumva ubutumwa bwiza bakizera muri We.</p>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni nde wohereje Pawulo na Barinaba gukora umurimo wihariye?</li><li>• Ni nde wajyanye na bo?</li><li>• Ni gute bagiye?</li><li>• Ikirwa bagiyemo kitwa ngo iki?</li><li>• Ni nde bahuye nawe i Pafo?</li><li>• Ni nde muntu wizeye Yesu i Pafo?</li><li>• Byagendekeye gute umukonikoni?</li><li>• Ni nde wavuze amagambo y'umurongo w'ingenzi w'uyu muni?</li></ul>



### A11 Inkuru 3

## Pawulo ahura na Luda – Iyi nkuru ivuga umugore wizeye Umwami Yesu.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Uwizera Umwami Yesu wese azakizwa.</li><li>• Dushobora kubwira Imana aho ariho hose no ku kintu cyose.</li></ul> <p><b>Uw’ingenzi:</b> <i>Ibyakozwe 2:21</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Ibyakozwe 16:6-15</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Saba abana kukubwira igihe baba baragiye mu rugendo kure. Ni he mwagiye? Byabafashe igihe kingana iki? Ni ibiki mwabonye aho ngaho?</li><li>• Sobanurira abana ko inkuru y’uyu muni ivuga Pawulo na bagenzi be bagiyeye mu rugendo.</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Pawulo n’incute ze ebyiri Sila na Timoteyo bagenze ahantu harehare, bava mu gihugu baja mu kindi. Umwuka Wera yaberekaga aho Imana ishaka ko baja. Nta kibazo aho bagiyeye hose, hari abantu benshi bazimiye bakeneye kumva iby’Umwami Yesu. <b>(Ibyakozwe 16:6-8)</b></li><li>• Ubwo bageze ku murwa uri ku Nyanja. Iryo joro, Pawulo aroti ibidasanzwe abona umuntu uvuye Makedoniya yinginga Pawulo kuza gufasha abantu aho ngaho. Pawulo yamenye ko Imana imwerekaga neza aho bagomba gukurikizaho baja. <b>(Ibyakozwe 16:9-10)</b></li><li>• <i>Sobanura kuba Imana yarashakaga ko abantu baho bumva ibya Yesu bityo ikahohereza Pawulo na bagenzi be. Ntacyo bitwaye ku Mana aho twaba tuba hose. Ishaka ko buri wese yumva ibyayo.</i></li><li>• Bihutiye kubona ubwato no kugenda. Bidatinze bagera mu murwa munini witwa Filipi. Ku muni w’isabato, Pawulo na bagenzi be baja hanze gutembera ku nkombe y’umugezi. Aho bahabona abagore bari baje gusenga. <b>(Ibyakozwe 16:11-13)</b> <i>Ku mugezi abo bagore basengaga Imana. Ese dushobora kubabwira iby’Imana? (Sobanurira abana ko dushobora kuvuga iby’Imana aho ariho hose)</i></li><li>• Umwe muri abo bagore yitwaga Ludiya. Yacuruzaga imyenda. Yari yarizeye Imana kera ariko atigeze yumva iby’Umwami w’Imana, Umwami Yesu. Ludiya ategaga amatwi ibyo Pawulo yavugaga byose. Yemeye muri we ko ibyo yumvise byose ari ukuri maze ahinduka kuba uwizera mu Mwami Yesu. Yanejerejwe n’uko Pawulo yaje muri uwo murwa. <b>(Ibyakozwe 16:14-15)</b> Umuryango wa Ludiya n’abe bahinduka kuba Abakristo. Bose barabatizwa maze Ludiya atumira Pawulo na bagenzi be gucumbika iwe.</li><li>• <i>Ni iki twavugaga ku Mana? (Emerera abana kuzana ibitekerezo ubundi ubasobanurire ko ku Mana icyo twavugaga ari ntacyo)</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Ereka:</b> FBI – Pawulo na Sila baja i Filipi.</p>
<b>KWIGA</b>	<p>Igisha usobanura ibiri ngombwa muw’ingenzi - <b>Ibyakozwe 2:21</b>. Sobanura ko gutabaza mu Izina ry’Umwami bivugaga gusaba Imana kudukiza icyaha cyacu. icyo ni cyo Ludiya yakozwe muri iyi nkuru.</p>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Vuga izina ry’umwe muri bagenzi ba Pawulo.</li><li>• Ni nde wabaretse aho Imana yashakaga ko baja?</li><li>• Byagenze gute mu nzozi za Pawulo?</li><li>• Ni gute Pawulo na bagenzi be bagiyeye i Makedoniya?</li><li>• Ni hehe Pawulo na bagenzi be bahuriye n’abagore?</li><li>• Bahakoraga iki?</li><li>• Ludiya yakoraga murimo ki?</li><li>• Ni iki Ludiya yakozwe yumvise ibya Yesu?</li></ul>

## A11 Inkuru 4

### Pawulo na Sila bafunze – Iyi nkuru ivuga abandi bantu bakijijwe.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Tugomba kwizera mu Mwami Yesu kugira ngo dukizwe.</li><li>• Abakristo bagira amahirwe kuko bafite Yesu kuba Umukiza wabo.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi:</b> <i>Ibyakozwe 16:31</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Ibyakozwe 16:16-34</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Baza abana kukubwira ikibatera kugira amahirwe.</li><li>• Bwira abana ko hari abantu bafite amahirwe mu nkuru y'uyu muni. Babwire batege amatwi kugira ngo babone ufite amahirwe...</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Umunsi umwe, Pawulo na Sila bari muri Filipi, bafasha umukobwa w'umuja. Byarakaje ba shebuja bituma bakurubanjira Pawulo na Sila ku isoko babashinja ibinyoma. <b>(Ibyakozwe 16:16-21)</b></li><li>• Pawulo na Sila barakubitwa maze barafungwa. Umurinzi wa gereza arababohama maze abahambira ku biti binini bita imbago. <b>(Ibyakozwe 16:22-24)</b> <i>Wumva Pawulo na sila bari bamereye gute?</i></li><li>• Mu gicuku, abandi bafunze bumva Pawulo na Sila basenga baririmba indirimbo ku Mana! Nubwo baribwaga n'ibisebe by'inkoni bakubiswe, bakomeje guhimbaza Imana. <b>(Ibyakozwe 16:25)</b></li><li>• Ako kanya humvikana irindi jwi. Byose biranyeganyega biratigita. Inzugi zirafunguka n'iminyururu ibavaho. Wari umutingito w'isi <b>(Ibyakozwe 16:26)</b></li><li>• Umurinzi akangutse abona inzugi z'inzu y'imbohe zose zikinguye. Ni iki yatekereje bwa mbere? Pawulo amubwira kutigirira nabi kuko imfungwa zose zari aho. <b>(Ibyakozwe 16:27-28)</b></li><li>• Umurinzi abaza Pawulo icyo akeneye gukora ngo akizwe kuko yari amenye ko ari umunyabyaha. Pawulo ati: "Izere Umwami Yesu urakira." Pawulo na Sila basobanuriye umurinzi n'umuryango we ko Yesu yapfiriye ibyaha byabo ku musaraba. Umurinzi ajyana Pawulo na Sila iwe, abomora inguma kandi arabagaburira. Ryabaye ijoro ry'amahirwe ku murinzi no ku muryango we kuko bose bizeye Yesu. <b>(Ibyakozwe 16:29-34)</b></li><li>• <i>Ni nde munyamahirwe muri iyi nkuru? Kuki ari abanyamahirwe? (Shishikariza abana kuvuga Kuri Pawulo, Sila, ndetse no ku murinzi n'umuryango we. Sobanura ko abo bantu bari abanyamahirwe kuko Yesu yabakijije)</i></li><li>• <i>Sobanurira abana ko dukeneye gukizwa icyaha cyacu. Twizera Yesu kuko ari Umwana w'Imana wadupfiriye.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> FBI – Pawulo na Sila muri gereza.</p>
<b>KWIGA</b>	Igishe usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi - <b>Ibyakozwe 16:31</b>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni nde Pawulo na Sila bafashije?</li><li>• Pawulo na Sila byabagendekeye gute?</li><li>• Pawulo na Sila bakoze iki mu gicuku?</li><li>• Habaye iki baririmba?</li><li>• Kuki umurinzi yagize ubwoba nyuma y'umutingito w'isi?</li><li>• Ni iki umurinzi yabajije Pawulo na Sila?</li><li>• Ni iki Pawulo na Sila bamubwiye?</li><li>• Ni iki umurinzi yakoze muri iryo joro?</li><li>• Ni iki twigira muri iri somo?</li></ul>

## A12 Inkuru 1

### Zakariya na Elizabeti – Iyi nkuru ivuga ku Mana isubiza ugusenga.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Imana isubiza ugusenga.</li><li>• Amasengesho asubizwa mu gihe cy’Imana, atari mu cyacu.</li></ul> <p><b>Uw’ingenzi:</b> <i>Luka 1:13</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Luka 1:5-25</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Baza abana ku miryango yabo. Muvuge ku mpinja zo mu miryango no mu baturanyi babo. Abana bavutse binezeza abantu.</li><li>• Saba abana gutekereza ku kintu baba bakunda by’ukuri. Ese bavuga uko giteye? Abashakanye mu nkuru y’uyu muni bari bababajwe n’uko bifuzaga kubyara!</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Zakariya na Elizabeti bari barashatse kubyara. Uko bagendaga basaza abandi bongeraga imiryango yabo ariko bo bakomeza kuba bonyine. <i>Wumva bari bamerewe gute? Ni iki Zakariya na Elizabeti bari babuze ngo babyare abana? Reka abana bagire icyo bavuga bakurikije ibiba/umuco wabo. (Luka 1:5-7)</i></li><li>• Bafashe umwanzuro wo gusenga Imana. Bari bazi ko Imana isubiza ugusenga! <b>(Luka 1:13)</b> <i>Vuga ko dushobora gusengera ikibazo cyose duhuye nacyo.</i></li><li>• Imana yumva gusenga kwabo yohereza malayika guhura na Zakariya mu gihe yakoraga mu Rusengeri. <i>Wumva Zakariya yaramerewe gute abonekewe na malayika? Malayika amubwira kudatinya kandi amubwira inkuru nziza ko Elizabeti agiye kubyara umuhungu akazamwita Yohana. (Luka 1:8-11)</i></li><li>• Zakariya ntiyashoboye kwemera iyo nkuru yari abwiwe. Yatekerezaga ko Elizabeti ashaje cyane kuba yabyara umwana. Malayika amubwira ko kuba atizeye ubutumwa buturutse ku Mana, atazongera kuvuga kugeza uwo mwana avutse. <b>(Luka 1:18-20)</b></li><li>• <i>Twigira isomo ry’ingenzi kuri Zakariya ... mu gihe dusenga tugomba kwizera ko Imana izasubiza amasengesho yacu.</i></li><li>• <i>Murebe ibibazo byasengerwa uyu muni!</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekan:</b> FBI – Zakariya asezeranywa umuhungu. (P) Kuvuka kwa Yohana Umubatiza (I).</p>
<b>KWIGA</b>	Igisha usobanura ibiri ngombwa muw’ingenzi - <b>Luka 1:13</b>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Zakariya yari yarashakanye na nde?</li><li>• Ni iki bashakaga mu by’ukuri?</li><li>• Ni iki Zakariya na Elizabeti basengeye?</li><li>• Ni nde waje guhura na Zakariya mu Rusengeri?</li><li>• Ni gute Zakariya yumvise ameze abonekewe na malayika?</li><li>• Ni ubuhe butumwa bwa malayika?</li><li>• Byagendekeye Zakariya gute kuko atizeye mu butumwa?</li><li>• Mu gihe dusenga ni iki cy’ingenzi twakora?</li></ul>

## A12 Inkuru 2

Mariya na Gaburiyeli – Iyi nkuru ivuga uko Mariya yizeye ibyo Imana yavuze.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Mariya yemeye ubutumwa bwa malayika n'ubwo kuri we byasaga ko bidashoboka.</li><li>• Iman ishobora gukora ibintu bisa nk'ibidashoboka.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi:</b> <i>Luka 1:37</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Luka 1:26-38</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	Subira mu nkuru y'icyumweru gishize ku butumwa bwa malayika ko Zakariya na Elizabeti bagiye kubyara umwana. Bidatinze, Imana yohereje malayika kubonekera undi muntu byihariye.
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• <i>Erekana itandukaniro hagati ya Mariya na Elizabeti.</i> Mariya yari inkumi, yasabwe n'umusore witwa Yosefu wabaga i Nazareti. Rimwe asurwa na malayika witwa Gaburiyeli. <b>(Luka 1:26-27)</b> <i>Fasha abana kumva ko atari iyerekwa risanzwe no kuba byarateye ubwoba Mariya.</i></li><li>• Malayika amubwira kudatinya. Atega amatwi ubwo Gaburiyeli yamubwiraga ko agiye kubyara umwana w'umuhungu. Mariya byaramuyobeye, kuko ntabwo yari yarongorwa. Malayika amubwira ko Umwuka Wera azamuha uwo mwana udasanze. Akazamwita Yesu. <b>(Luka 1:29-34)</b></li><li>• Yesu azaba mukuru ku mwana wese wavutse. Azaba Umwana w'Imana. Ntibyari byoroshye kubyumva ariko malayika abwira Mariya ko nta kidashoboka ku Mana. <b>(Luka 1:35-37)</b></li><li>• Mariya yizeye mu butumwa atari yarigeze abwirwa. Mariya yashakaga kuba umugabane w'igice cy'ingenzi ku mugambi w'Imana wo kohereza Umwana wayo mu isi. Ukuvuka kwa Yesu kuzaba igitangaza gikomeye. <b>(Luka 1:38)</b></li><li>• <i>Waba warasezeranjwe ikintu ubona ko kigoye kwizerwa?</i></li><li>• <i>Kuki utekereza ko Mariya yemeye malayika? Imana ishaka ko buri wese muri twe ashobora kwiringira muri Yo nk'uko Mariya yabikoze.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> FBI – Malayika asura Mariya.</p>
<b>KWIGA</b>	Igisha usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi - <b>Luka 1:37</b> . Ese abana bashobora gutekereza ku kindi kintu 'kidashoboka' Imana yakoze muri Bibiliya? Tuyihimbaze kuba ari Imana ishobora byose!
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni hehe Mariya yabaga?</li><li>• Ni nde wari warasabye Mariya?</li><li>• Malayika wasuye Mariya yitwa nde?</li><li>• Kuki Mariya yashobewe n'ubutumwa bwa malayika?</li><li>• Ni gute uwo mwana azaba udasanze?</li><li>• Ni iki Mariya yakoze kuri ubwo butumwa?</li><li>• Ni gute Mariya ari urugero rwiza twakurikiza?</li><li>• Ni ibihe bidashoboka ku Mana?</li></ul>

### **A12 Inkuru 3**

**Kuvuka kwa Yohana – Iyi nkuru ivuga ku isezerano ry’Imana risohojwe.**

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Imna yakomeje isezerano ryayo kuri Zakariya na Elizabeti.</li><li>• Imana ikomeza amasezerano yayo no kuri twe.</li></ul> <p><b>Uw’ingenzi:</b> <i>Luka 1:76</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Luka 1:57-80</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Muvuge uko byamera kuba hashira amezi umuntu adashobora kuvuga. Ibutsa abana ko ibyo byabaye kuri Zakariya ubwo atizeraga ubutumwa bwa malayika.</li><li>• Biba bimeze gute mu gitondo cya Noheli cyangwa ku isabukuru y’amavuko uhawe impano wari utegereje? Uko niko Zakariya na Elizabeti baba baranezerewe mu gihe uruhinje rwabo uko basezeranjwe na malayika rwari ruvutse. Byari ibihe bidasanzwe!</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Mu gihe umwana yavukaga, umuryango n’abaturanyi bashatse kumwita izina rya se Zakariya. Elizabeti ababwira ko izina rye ari Yohana. <b>(Luka 1:57- 60)</b> <i>Kuki Elizabeti yababwiye ko yitwa Yohana?</i></li><li>• Babajije Zakariya izina ry’umwana, arandika ngo “Izina rye ni Yohana.” <b>(Luka 1:62-63)</b></li><li>• Ako kanya ashobora kongera kuvuga. <i>Zakariya ashima ahimbaza Imana. Kuki Zakariya yabigenje gutyo? Imana yakomeje isezerano ryayo, yari yishimiye ivuka ry’umuhungu we kandi yari azi ko Imana igiye gukora n’ibindi bikomeye! Bose batangazwa n’ibyo babonye. (Luka 1:64-66)</i></li><li>• Yohana yari umwana udasanzwe. <i>Kuki? Ibutsa abana ko ababyeyi bamutegereje imyaka myinshi ariko icy’ingenzi n’uko azakura ategura inzira yo kuza k’Umwami Yesu.</i></li><li>• <i>Imana izakomeza amasezerano yayo no kuri twe. Vuga amasezerano yatugiriye ari muri Bibiliya.</i></li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekana:</b> FBI – Yohana Umubatiza.</p>
<b>KWIGA</b>	<p>Igisha usobanura ibiri ngombwa muw’ingenzi - <b>Luka 1:76</b>. Sobanura ko uyu murongo ari igice cy’ibyo Zakariya yavuze ariramba ahimbaza Imana.</p>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni nde mugabo wa Elizabeti?</li><li>• Kuki atashoboraga kuvuga?</li><li>• Ni gute abaturanyi bashakaga kwita umwana?</li><li>• Kuki Zakariya na Elizabeti bamwise Yohana?</li><li>• Ni ryari Zakariya yashoboye kongera kuvuga?</li><li>• Ni uwuhe murimo wihariye Yohana yari gukora?</li></ul> <p><b>Bikore:</b> Abana bakore ikarita y’itangazo ryo kuvuka kwa Yohana.</p>

## A12 Inkuru 4

### Kuvuka kwa Yesu - Iyi nkuru ivuga Imana itanga Umwana wayo.

	<p><b>Tugiye kwiga ko:</b></p> <ul style="list-style-type: none"><li>• Yesu ari Umwana w'Imana waje kuba Umukiza wacu.</li><li>• Dushime Imana kubwo urukundo rukomeye rwayo mu kohereza Umwami Yesu.</li></ul> <p><b>Uw'ingenzi:</b> <i>Luka 2:7</i> <b>Igice cya Bibiliya:</b> <i>Luka 2:1-7</i></p>
<b>GUTANGIRA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Vuga ukuntu ibintu bishobora guhinduka ku munota wa nyuma. Tanga urugero rufatika rwaho muri, byaba mu nararibonye y'abana cyangwa iyawe.</li><li>• Sobanura ko igihe cyari cyegereje ko Mariya abyara umwana. Byari kuba byiza umwana avukiye i Nazareti, aho Yosefu na Mariya babaga, ariko...</li></ul>
<b>KWIGISHA</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Umwami wa Roma atanga itegeko ko abantu bose basubira aho bavukiye kugira ngo bandikishe amazina yabo. Yosefu na Mariya bagombye kujya i Betelehemu. <b>(Luka 2:1-5)</b> <i>Tanga igitekerezo ko ahareshya n'ibilometero 113 ari iminsi ine y'urugendo. Mbega uko byari bimeze gukora urugendo rurerure gutyo? (Ku bana b'icyiciro 2 wongeremo ko uhereye kera wari umugambi w'Imana ko umwana avukira i Betelehemu!)</i></li><li>• Bageze mu murwa wari wuzuyemo abantu ntibabona aho bacumbika, kandi cyari igihe cyo kuvuka k'umwana basezeranijwe. Baruhukiye mu kiraro cy'amatungo. <b>(Luka 2:6-7)</b></li><li>• Yesu avutse, bamworosa utwenda tw'impinja bamuryamisha mu kavure amatungo ariramo. <b>(Luka 2:6-7)</b> <i>Kuki Yesu yoroshwe utwenda tw'impinja akaryamishwa mu kavure? Fasha abana kumenya uwo mwana uvukiye aho hantu horoheje cyane yari akomeye. Ubigereranye n'ibyivuka ry'umwana mu muco wanyu.</i></li><li>• Ntihigeze haba uruhinja nka Yesu. Ni Umwana w'Imana. Yemeye kuva mu ljuvu avukira ku isi ngo adukize icyaha cyacu. <b>(Matayo 1:21)</b></li><li>• Twibuke ko icyo ari cyo Noheli ivuga kandi dushimire Imana urukundo rwayo mu kutwoherereza Umukiza.</li></ul> <p><b>Soza isomo Igihe cya Bibiliya.</b> <b>Erekan:</b> FBI – Kuvuka kwa Yesu, na PowerPoint <a href="http://www.bibleforchildren/the">www.bibleforchildren/the</a> kuvuka kwa Yesu.</p>
<b>KWIGA</b>	Igisha usobanura ibiri ngombwa muw'ingenzi - <b>Luka 2:7</b>
<b>GUSUBIRAMO</b>	<ul style="list-style-type: none"><li>• Ni nde washakanye na Yosefu?</li><li>• Ni he Mariya na Yosefu babaga?</li><li>• Ni he Yosefu na Mariya bagiye?</li><li>• Kuki Yosefu na Mariya bagiye i Betelehemu?</li><li>• Kuki baruhukiye ahantu harara amatungo?</li><li>• Ni he uruhinja Yesu baruryamitse?</li><li>• Ni iki kigira Yesu udasanze?</li><li>• Kuki dukeneye Umukiza?</li></ul>

# Uko Abigisha bakosora amasomo

## AMASOMO Y'ICYICIRO CYA 1:

- Urupapuro rumwe (cyangwa ebyiri mu dutabo) buri cyumweru ahanini bigizwe no gusiga amabara no kuzuza amwe mu magambo.
- Amanota icumi atangwa buri cyumweru bikagera ku manota 40 ku kwezi.
- Abana bahabwa inyigisho z'icyiciro cya mbere baba batazi gusoma neza, ubwo twizera ko ari ababyeyi / ababarera / n'abayobozi bazabafasha.
- Twagennye amanota 2 kuri buri gisubizo no kugereranya ku byo gusiga amabara byaba amanota 10 kuri buri somo.

## AMASOMO Y'ICYICIRO CYA 2:

- Impapuro ebyiri buri cyumweru (4 mu dutabo)
- Inkuru iri mu isomo. Abanyeshuli bagomba kubona amagambo anyuranye akuwe mu isomo, bagasiga amabara amwe n'amwe, bakuzuza imirongo y'ingenzi n'ibindi.
- Amanota makumyabiri atangwa buri cyumweru bikagera ku manota 80 ku kwezi, mu gihe amasomo yaba yasubijwe bikwiriyeye.

## AMANOTAY'IGIHE CYA BIBILIYA

### GUTANGA AMANOTA

Abigisha basabwa bwa mbere:

- Kureba muri buri somo no gutanga amanota ku bisubizo by'ukuri no ku byakoshejwe. Gutanga amanota akwiriyeye uko byabwirijwe..
- Buri gihe gukoresha ibara rindi no gushyira AKAMENYETSO kuri buri gisubizo cy'ukuri.
- Gutanga igisubizo cy'ukuri, no gukosora imyandikire, n'ubwo aho hadakurwaho amanota.
- Gutanga igice cy'amanota ku bisubizo bituzuye neza.
- Guteranya amanota yose no kuyandika ku rupapuro ahabigenewe.

'Ni ngombwa kugira ubuntu no kugwa neza no gukora byose mu gutera umwete abanyeshuli mu buryo bushoboka mu kwiga Bibiliya kwabo. Bizafasha ubwo buri kwezi uwigisha azashobora kwandika akajambo gatera umwete umunyeshuli kandi hari umwanya watanze mu rupapuro rw'isomo aho kubandikira. icyo ubivugaho bishobora gukorwa ku mabara yasizwe neza, ku manota meza umunyeshuli yabonye byerekana ko yumvise isomo neza, n'ibindi.

Tugerageze kugira icyo tubivugaho mu buryo bunyuranye. Ibibazo, ibivugwa, ibyerekanwa, ugutera umwete n'ibindi, byose bishobora gukoreshwa kugira ngo tunyuranye. Bisaba gutekereza, ariko ni ngombwa gushishikaza umunyeshuli. Niba ibivugwa cyangwa ikibazo gihora kigaruka buri kwezi, bita agaciro.

## ICYICIRO 1

### Icyo kuvuga muri rusange

"Anny – Nishimiye ko watangiye aya masomo kandi nizeye ko bigushimisha. Nkunda uko usiga amabara. Ujya ku ishuli? Mbwira uko bimeze. Ntegereje kumva ibyawe vuba."

"Andereya, wakoze neza. Mbega amabara meza! Ese birakugora kutarenga umurongo? Hari aho wibagiwe gusiga mu isomo riherutse."

### Ibivugwa by'umwuka

"Sara wakoze neza. Mbega Yayiro ngo aragira amahirwe mu gihe Yesu yamufashaga!"

"Igisubizo cyiza cyane! Inkuru y'urupfu rwa Yesu irababaje ariko biranzezeza kuba yarazutse."

## ICYICIRO 2

### Icyo kuvuga muri rusange

"Joanna wasubije neza nanone – rwose umwarimu wawe anezerewe n'uburyo ukora ku ishuli!"

"Ndabona ugiye kwizihiza umunsi mukuru w'amavuko. Mbese hari icyo uzakora kidasanzwe Connor wel Gira umunsi mukuru mwiza!"

"Wagerageje uko ushoboye. Harimo amakosa amwe n'amwe! Ntukibagirwe gusubiramo ureba ibisubizo watanze buri gihe."

### Ibivugwa by'umwuka

"Nkunda ukuntu wasize amabara akana Yesu mu kavure. Si byiza se ko Imana yamwohereje mu isi ku bwacu?"

"Rwose nkunda uko usiga amabara! Zakariya yarahanwe kuko atemeye ibyo Imana yavuzel Ntazongera gushidikanya ku Ijambo ry'Imana.."

"Ibisubizo byiza cyane. Umuntu wahuye na Filipo mu butayu yagiye anezerewe. Yari yumvise kandi yemera Inkuru Nziza ya Yesu."



© Bible Educational Services 2019

[www.besweb.com](http://www.besweb.com)

Registered Charity UK 1096157

RW - 11/2019